# Imana Ikungahaye Ku Mbabazi

Phoenix, Arizona, USA
19 Mutarama 1965

1 Nari umuntu uri kure, nje kureba Mwene Data Moore n'abandi bose bari hano ku gicaniro, inshuti namenyanye nazo mu myaka myinshi ishize. Ni amahirwe nyakuri kubabona hano uyu mugoroba. Ndiyumva ndi muto guhagarara hano maze nkavuga n'abanyatewologiya bari hano inyuma yanjye, kandi ahari bashobora kunkosora aho nakora ikosa. Niko mbyizeye

Turanezerewe cyane uyu mugoroba kugira abantu hano nka, Mushiki wacu Rose. Twarimo tumanuka… Nari kumwe na Mwene Data Shores n'uwo bafatanya uyu munsi ku ifunguro rito rya saa sita. Kandi mu muhanda aho tumanuka, Mwene Data Williams avuga ko Mushiki wacu Rose arwaye cyane. Maze njye...Twagiyeyo kumureba mu kanya gato, turapfukama. Kandi yari afite umuriro mwinshi, kandi yararwaye cyane. Mu magambo make yo gusenga, nuko Umwami avugana natwe, noneho ndavuga nti, "Agiye gukira, kandi azaba ari aho ejo nimugoroba." Kandi nguyu hano kumugoroba, yicaye hano. Uko ni ukuri.

2 Mushiki wacu Rose, haguruka umunota umwe, kugira ngo bo… Dufite ishimwe ku Mwami. Yari mu buriri. Aravuga ati, "Satani yari yarantaye kure buri kintu. Nje hano kugira ngo nduhuke ibyo," ibintu by'indwara zo mu muhogo, n'ibindi. Ariko Umwami yamuzanye, bityo kugira ngo twishime. Turashimira Umwami.

Noneho, twagiye tugira ibihe ibyiza. Kandi ejo nimugoroba, ubu, tuzajya kuri Ramada. Noneho ntimubyibagirwe, ntabwo ejo tuzaba turi hano nimugoroba, bizaba ari kuri Ramada. Kandi igiterane kizatangira mu mugoroba ukurikiyeho. Birasaba gushyiraho undi mugoroba umwe hamwe na njye.

3 Noneho ijoro ryahise nagiye kure cyane y'igipimo, nari natanze isezerano rito ubwanjye ko, itariki ya mbere y'umwaka, ngiye kugabanya ubutumwa bukava ku masaha atatu cyangwa ane, amasaha atanu, ahari bukamara nk'iminota mirongwitatu cyangwa mirongwine. Kandi nkuko nabibabwiye umugoroba wahise, umugore wanjye yamvuzeho kucyumweru, aravuga ati, "Wagize neza." Noneho hanyuma, birumvikana, naje kuza nimugoroba maze ndabyica (Murabona?) kuko hafi... nari hafi iminota mirongwitanu n'itanu, aho kuba mirongwitatu, ijoro ryahise.

Mukuza, umugoroba wahise, Billy yavuze ati, "N'iki ugiye kuvugaho?"

Ndavuga nti, "Nibyo, mfite inyndiko nke hano ndetse n'Ibyanditswe runaka. Ntabwo mbizi, bimwe muri byo, ubutumwa bune cyangwa butanu." Ndavuga nti, "Ndumva ndibumanuke nagera hano, maze nkareba uko bimeze."

Muravuga muti, "Mwasezeranye gusengera abantu bose barwaye."

Ndavuga nti , "Yego, mugabo. Ufite amakarita angahe?"

Aravuga ati, "Maganabiri."

Ndavuga nti, "Byaba byiza mbatangiriyeho nimugoroba."

Maze aravuga ati, "Noneho, wibuke ko, ufite iminota cumi n'itanu yo kuvuga gusa." Aravuga ati, "Abasigaye waza kubafata nimugoroba." [Mwene Data Branham n'iteraniro baraseka—Ed.] Biradusaba kugira vuba, ese sibyo? Ha.

4 Nibyo, twabahaye isezerano, ko tuzasengera abantu bose bafite amakarita yo gusengerwa, kandi duhatiwe kubaha isezerano, nibyo. Ntabwo bose twabazana hano muri iyi mirongo, kandi ntabwo nashobora guhamagara buri muntu mu materaniro. Kabone n'ubwo Umwuka Wera yabimpa, ntabwo nashobora guhagarara ngo mbikore. Kuko byaba bikabije kuri njye. Kandi, ariko ibyo twese turabimenyereye. Tuziko Imana ari ya Mana. Ntabwo Ari yayindi ikiza indwara. Ni yayindi gusa yubaka kwizera kugira ngo tumenye ko turi Imbere Yayo.

Kandi nimugoroba turibusengere abo bose barwaye, buri wese muri bo ufite iyo karita yo gusengerwa. Kandi noneho ejo nimugoroba, aho kuri Ramada, tuzagerageza gutanga izindi kandi dutangire kubasengera aho, kubera ngifite ejo nimugoroba. Kandi ndatekereza ko mfite umugoroba umwe mu giterane, ahari no ku igaburo rya mugitondo. Bizaterwa n'uko ibintu bizagenda.

5 Hari bamwe muri mwe, umwe mu bazavuga utari waboneka; utarahagera, simbizi. Mwene Data Humburg, cyangwa niko yitwa…[Mwene Data aravuga ati, "Amburgy"—Ed.] Amburgy, Amburgy, Kash Amburgy. Nuko naryumvishe nabi; iryo izina ry'abadage. Ndakeka icyo ari ikidage. Rero binsaba kubyumva nsimbutse, nkuko tubyita, mumbabarire gukoresha iyo mvugo, kuri we.

Noneho twagiye tugira ibihe byiza mu Mwami uko biri. Kuri mwe mwese, niba hari abashyitsi hano uyu mugoroba, turanezerewe kuba hamwe namwe, kandi mwizere ko Umwami ari bubahe umugisha. Ndasenga ngo he kuba umuntu urwaye igihe tuributahe muri iri joro, kugira ngo Umwami wacu amanuke mu mbaraga

Ze zikomeye maze akize abantu bose bafite uburwayi kandi babaye.

6 Hano igihe kimwe, najyaga mfata abantu tukabonana ku giti cyabo, bamwe babaga bafite ibibazo bikomeye utakemura. Noneho umubare ukiyongera vuba, kugeza ubwo , Umwami akomeza gutanga umugisha, kugeza ubwo bigeze kuri magana atatu cyangwa maganane bategereje, maze abantu bakumva ibyuyumviro byabo bikomeretse kubera gutegereza. Ahari kubera icyo gihe kirekire, ahari byagusaba gutegereza umwaka cyangwa ibiri, kugira ngo uzagerweho (Murabona?) aho hagati mu materaniro, kugira ngo tuzabonane by'umwihariko. Kandi twaricaraga tugategereza Umwami kugeza Atubwiye ikibazo icyo ari cyo.

Nta gushidikanya hari abantu bicaye hano uyu mugoroba babaye muri ibyo biganiro byihariye. Ese barahari? Reka turebe muzamuye ikiganza. Ababaye mu kiganiro cy'ihariye, yego, ngabo aho bicaye, kandi muziko ibyo ari ukuri. Twarategerezaga kugira ngo turebe icyo Umwami aza kuvuga, ikibazo icyo aricyo... Kandi noneho nagombye guhagarika ibyo mu gihe gishize. Nabwiye Billy ko tutazongera kugirana ibiganiro byihariye n'umuntu ku giti cye.

7 Murabona, Maze kurenga imyaka makumyabiri n'itanu vuba aha, inshuro ya kabiri, kandi ndimo nderekera ku nshuro ya gatatu. Kandi iyo utangiye kugenda ukura gato, ubwo, ntabwo uba, wowe… Mu buryo runaka ntabwo ubagishoboye gukora nkuko wakoraga. Intambwe zawe zitangira kuba ngufi. Kandi wowe... Kubera ko, Mwene Data Moore nta kintu yari yamenya kuri ibyo. We... Ndatekereza ko turi mu myaka imwe.

Ariko amazi menshi yanyuze mu iriba uhereye igihe wowe na njye na Mwene Data Brown baje hano inshuro ya mbere, hamwe na Mwene Data Outlaw na Mwene Data Garcia, na Mwene Data Fuller. Ndibaza niba abo bantu barimo hano uyu mugoroba? Mwene Data Garcia, Mwene Data Fuller, Mwene Data Outlaw, ese bari hano? Muzamure ibiganza byanyu niba muri hano. Yego, nguriya Mwene Data Fuller, ndibwira, niba ntibeshye. Mwene Data Outlaw nguyu hano. Mwene Data Garcia, Ndibwira ko nubwo yavuye Phoenix, ndatekereza ko ari ukuri. Yavuye Phoenix, ari hakurya muri California. Nibyo, byari nyakuri iminsi ikomeye, kandi ndacyizera ubwo Butumwa bumwe narimfite icyo gihe; "Yesu Kristo ari uko yari ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka." Ndakeka ibyo byarabaye nko muri... Nibyo, Becky yari akiri umwana. Aho niko mumyaka cumi n'icyenda.

Kandi noneho, ubu ni mukuru, arashaje, arabyibusye, umukobwa w'uburanga bubi wicaye ahantu inyuma hariya, imyaka cumi n'icyenda. Urihe Becky? Basore, azabona njye kubw'ibyo. Ndamwibuka muteruye mumaboko. Nagombaga kugira byinshi byo gukora uwo mugoroba…

8 Mwibuka aho hakurya ku rusengero rwa Mwene Data Garcia umugoroba umwe, yari umuntu muto. Maze ndavuga nti, "Dufite amateraniro mpuzamahanga uyu mugoroba." Aravuga ati, "Ndimo ndavugana n'Umunyaespanye." Kandi ndavuga nti, "Umugore wanjye ni Umudage." Ndongera nti, "Ndi umunya Irlande." Maze ndavuga nti, "Kandi umukobwa wanjye muto ni Umuhinde," Kandi uwo yari Becky.

Noneho igihe naringiye ku muryango w'inyuma, hari agakobwa gato ka kanyamexique aho hanze, karavugakati, "Mwene Data Branham?"

Ndavuga nti, "Yego, mukundwa, ese urashaka iki?"

Karavuga kati, "Ese ntutekereza ko umukobwa wawe arushijeho kuba inzobe kuburyo yaba ari umuhinde?" Ni inzobe ijya kuba umuhondo, murabizi.

Ndavuga nti, "Ni umuhinde mu mikorere ye"

Nibyo, turishimye cyane kongera kuba hano muri uyu mugoroba. Noneho, mbere y'uko twegera Ijambo, reka tumwegere, kuko We ari Ijambo. Igihe Ijambo rigaragajwe, uwo aba ari We muri mwe.

9 Nkuko twari tubifite umugoroba wahise "Imbuto y'Ibice," ese ibyo mwabyishimiye, imigisha y'Umwami? Ndanezerewe nyakuri kubazanira ubutumwa. Kandi tubona icyo imbuto ari cyo.

Noneho, Ese hari icyifuzo cyihariye, ikintu kidasanzwe? Ahari bamwe muri mwe mugiye kuza hano mu murongo w'amasengesho, muvuge muti, "Mana, ungirire imbabazi. Igihe nje gusengerwa, ureke kwizera kwanjye gukure guhure n'ibisabwa." Kandi ahari umuntu hano afite uwo akunda urwaye, n'ibindi, ese washobora kuzamura ikiganza cyawe kugira ngo Imana irebe hasi maze Ivuge... Noneho, niba ari ibyo... Muzi uko numva meze iyo ndebye aho. Kure kuri ibi byifuzo biri hano. Bakozi b'Imana bene Data, murebe biriya. Murabona? Noneho, niba bintera kumva meze gutyo, ni iki byakora kuri Data? Nyakuri. Noneho, reka dusenge.

10 Mukundwa Yesu, turimo turegera Intebe y'Ubwami ikomeye y'imbabazi, binyuze muri iri Zina rihagije rwose. "Kubera ko nta rindi Zina ryahawe abantu aho abantu bagomba gukirizwamo, uretse iri Zina ry'Umwami Yesu gusa." Kandi tuje mu Izina Rye. Kandi turasenga, Data wo mu ijuru, kugira ngo utwakire muri uyu mugoroba nk'abana Bawe bizeye. Noneho utubabarire uko kutizera, Mwami. Udufashe muri uyu

mugoroba, kugira ngo tubashe kwizera buri Jambo ryose ry'Imana uyu mugoroba, kuri buri kintu cyose dukeneye.

Uzi icyifuzo kiri inyuma y'ibi biganza bizamuye; hari uburwayi, bamwe muri bo bishobora kuba ari ibibazo by'urugo, abandi bishobora kuba ari ibibazo by'amafaranga; bamwe muri bo barananiwe, bamwe muri bo basubiye inyuma, bamwe ni abanyabyaha. Icyo yaba akeneye cyose, Uruta byinshi kuri buri mwanzi. None turasenze, Mwami, kugira ngo uyu mugoroba kugira ngo tubashe kumenya abo banzi bacu, buri wese, yaratsinzwe, kugeza no kurupfu ubwarwo. Kandi nyamara turi abaruta abanesha muri We uwo Wadukunze kandi Akatwiha, akaba yaratwogeje mu Maraso Ye.

11 Turasenga, Mwami, kugira ngo kutizera kose, gushidikanya kose, imibabaro yose, ibyo byose bitari iby'Imana biduhunge uyu mugoroba, kugira ngo Umwuka Wera abashe kubona inzira itunganye mu mitima yacu. Reka avugane natwe mu buryo bw'ubwiru. Reka avugane natwe mu mbaraga Ze. Reka azure babandi bapfuye mu mwuka, agarurire ubuzima bwiza babandi barwaye n'ababaye, uhagurutse abafite amavi asukuma, ibiganza binaniwe ibyo binagana. Reka aho habe igihe cy'umunezero.

Reka ibyo biboneke muri uyu mugoroba, mu kuva aha tujya kuri Ramada Inn, no gutangira kimwe mu biterane bikomeye kurusha ibindi byigeze biba aha muri uyu mugi. Mwami, mu gihe turi hamwe kandi dusenga. Waravuze uti, "Abantu bitiriwe Izina Ryanjye, nibaramuka bagiye hamwe maze bagasenga, noneho nzabumva ndi mu ijuru." Mana, turasenze kugira ngo bibe gutyo, uyu mugoroba.

Noneho, Data, nkuko turimo dusoma Ijambo, nta numwe washobora kurisobanura uretse Wowe; Uri Umusobanuzi wawe Ubwawe, kandi turasenga kugira ngo udusobanurire ibintu dusoma muri uyu mugoroba. Kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

12 Noneho, niba benshi muri mwe bakunda kwandika Ibyanditswe umubwiriza aba yasomye… Kandi ndashaka ko mwe kuri uyu mugoroba, niba mubishoboye, mufata muri Efeso.

Kandi narimo mvuga Kucyumweru gishize kuri Efeso, uburyo icyo Gitabo cya Yosuwa cyari Efeso yo mu Isezerano rya Kera, n'uburyo cyari Igitabo cy'ubucunguzi. Kandi ubucunguzi bufite ibice bibiri bitandukanye; "Abavuyemo" n'"Abagiyemo." Icya mbere, ugomba guturuka hanze. Abantu bamwe bashaka kuzanamo isi hamwe na bo; ariko ugomba gusohoka mu isi kugira winjire muri Kristo. Ugomba gusohoka mu kutizera kose kugira ngo winjire mu kwizera. Aho nta kintu gishobora kuba mu nzira yawe. Nyakuri kugira ngo ugire kwizera gutunganye, ugomba byuzuye gusiga buri kintu cyose kinyuranye n'Ijambo ry'Imana inyuma ukinjira mu kwizera.

Kandi icyo cyari Igitabo cya Efeso cy'Isezerano rya Kera; Yosuwa. Aho, Mose yashushanyaga amategeko, ayo ntiyashoboraga kugira n'umwe akiza, ariko ubuntu bwarabishoboraga, kandi hano "Yosuwa" ni ijambo rimwe na Yesu, "Yehova Umukiza."

Kandi noneho, tubona ko twaje mu yindi Efeso, indi Efeso ubu. Ibyo biri he muri ubu bwenge bwacu bw'madini n'ibindi, kandi gahunda zacu zose z'amashuri zageze kuri Yorodani yazo, noneho tugomba kugira Efeso nanone. Tugomba kugira gusohoka … "Gusohoka" kandi "Tukinjira," kubw'izamurwa.

13 Noneho, tugiye gusoma muri uyu mugoroba kuva mu gice cya 2 cya Efeso. Narimo mvuga ibyo kugira ngo mubashe kubona ahariho, cyangwa mufate muri icyo gice.

> *Namwe... yarabazuye, mwebwe abari bapfuye muzize ibicumuro n'ibyaha byanyu, ibyo mwagenderagamo kera mukurikiza imigenzo y'iyi si, mugakurikiza umwami utegeka ikirere, ari we mwuka ukorera mu batumvira.*
>
> *Kandi natwe twese twahoze muri bo dukurikiza ibyo kamere yacu yifuza, tugakora ibyo kamere n'imitima byacu byishakira, kandi ku bwa kavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya nk'abandi bose.*
>
> *Ariko Imana kuko ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo ku bw'urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu (ubuntu ni bwo bwababakijije),*

Ndashaka gufata hariya bike, cyangwa igice cy'umurongo, "ariko Imana… Imana Yo Mutuzi w'Imbabazi."

14 Ndashaka ko mubona hano uyu muhanuzi, intumwa, cyangwa, Pawulo, uwo, uwo wavuze kuri ibi, uburyo, "Mwebwe Yazuye, igihe kimwe mwari mupfuye. Mwe Yazuye, igihe kimwe mwari mupfuye, mupfiriye mu byaha n'ibicumuro, mugenda mukurikiye ibintu by'isi, kwifuza k'umubiri, kandi mwuzuza kwifuza kw'ibitekerezo. Niko..."

Ni iki cyateye iyi mpinduka? Murabona? Kandi n'iki cyateye abari bapfuye igihe kimwe, kuzuka? "Kuzuka" bisobanuye "kugirwa muzima." Habayeho guhindurwa uva mu rupfu ujya mu Buzima. Nta kindi kintu gishobora kubaho cyahindura umuntu uwo ari wese, gikomeye cyane, kuburyo cyashobora

kumuhindura kikamuvana mu rupfu kikamujyana mu Buzima. Umuntu, arimo apfa, mu buryo bw'umubiri, kandi ashobora gukira indwara mu mubiri, icyo cyaba ari ikintu gikomeye, ariko nta kintu gikomeye nk'igihe yapfuye mu buryo bw'umwuka maze Imana ikamugarura mu Buzima.

15 Mwebwe mu bihe bimwe byahise, mwari mupfuye… Mwari mupfuye. Ndetse benshi hano uyu mugoroba, igihe kimwe mushobora kureba inyuma maze mukamenya ko mwari mupfuye. Ariko noneho kubera iki mutagipfuye uyu mugoroba nkuko mwari mumeze ubwo? Mwari mukwiriye kumera gutyo, kubera ko mwari abanyabyaha, ariko Imana ariyo Mutunzi w'Imbabazi. Icyo nicyo kintu; Imana Ariyo yari Umutunzi. Ibi bintu byose twari byo, uretse Imana. Niyo yaremye impinduka aho; Imana Niyo Mutunzi w'Imbabazi.

Oh, ndanezerewe cyane, ko We ari umutunzi w'imbabazi. Iyo Ajya kuba umutunzi mu mafaranga, iyo Ajya kuba umutunzi mu bintu, uwo Yari we, ariko ikintu gikomeye kuruta ibindi Yari umutunzi mu mbabazi. Oh, mbega ijambo rikomeye ry'icyo aricyo, mbega uko igihe kimwe twari dupfuye.

16 Kandi twarimo tuvuga irindi joro ku kuntu imbuto igomba gupfa. Kandi buri kintu hafi y'aka gace k'ubuzima ntikigomba gupfa gusa, ahubwo kigomba kubora. Iyo kitaboze, ntabwo imbuto yabaho. Kandi iyo kiboze kiba "kigiye bidasubirwaho; kirangiye." Kandi kugeza igihe tuzagera ahantu ibitekerezo byacu bwite no gutekereza kwacu bwite kuba kugiye bidasubirwaho ndetse kukabora kukajya kure yacu, noneho ako gace k'ubuzima gashobora gutangira kubaho.

Noneho, ubu, dushora, nshobora gucengezamo gato inyigisho hano ko ntashobora… Niba utabyizeye, nta kibazo. Ibyo ntacyo bitwaye. Ndabyizera. Nizera ko umuntu, igihe avutse muri iyi isi, ko igihe uri umwana muto, uvutse mu isi, ntabwo washobora kubaho keretse waramenywe n'Imana mbere, kubera ko Yo ntigira iherezo ndetse Izi byose. kandi igihe ruriya ruhinja ruto ruvutse mu isi, haba hari ikintu muri uriya mwana. Niba azigera agira Ubuzima, hari akantu gato kari muri we, muri uwo mwana noneho, ibyo bikazaza vuba cyangwa bitinze. Iyo mbuto iba iri muri we. Noneho, niba uribufate... Ibyanditswe mubryo bweruye igaragaza ibyo.

17 Noneho, niba ufite Ubugingo Buhoraho uyu mugoroba, niba dufite Ubugingo Buhoraho, noneho ubwo twari turiho, kubera ko hariho ubwoko bumwe bw'Ubugingo Buhoraho. Igihe cyose twari bwo. Kandi impamvu twaribyo, kubera ko turi igice cy'Imana. Kandi Imana niyo kintu cyonyine cy'iteka.

Kandi kimwe nkuko Melikisedeki yakiriye icyacumi kivuye kuri Abraham, kandi kikaba cyarishyuwe uyu mwuzukuru we, Levi, uwo wari mu rukiryi rw'Abraham; akishyura icyacumi, kubera ko yari mu rukiryi rw'Abraham igihe yahuraga na Melikisedeki. Ndashaka kuvuga kuri ibyo ahandi hantu, igitondo kimwe; Uyu Melikisedeki ni nde? Noneho, mwitegereze ibyo. Aho inyuma, Imana yamenye ko uyu muhungu arimo aza. Izi ibintu byose.

Noneho, Turi ibice by'Imana. Igihe cyose mwari byo. Ntabwo mu byibuka, kubera ko mwari ibigize Imana gusa. Mwari gusa mu bitekerezo Byayo. Iryo zina ryawe ubwaryo, iyo riba riri mu Gitabo cy'Ubugingo, ubwo ryaba ryarashyizweyo mbere y'imfatiro z'isi. Yamenye icyo uri wari cyo.

18 Ndimo ndavuga ibi gusa, atari ukugira ngo mvangavange inyigisho, ahubwo kugira nzihe umurongo, kugira ngo tujye kure y'ubu bwoba no guhahamuka; ntabwo muzi abo muri bo. Ntabwo mugiye kuba bo, ahubwo muri abana b'Imana ubu. Murabona, mwari abana b'Imana igihe cyose. Murabona?

Kubera ko igihe Imana yari ibafite mu bitekerezo Byayo aho mu itangiriro, mwagombaga kubabo, igice cyanyu, Ubuzima bwanyu buri muri mwe ubu, bugomba kuba bwari kumwe n'Imana hariya mbere… Nibyo, igihe mwe… Mbere y'uko mwe muhinduka ibifatika hano ku isi, mbere y'uko hagira ikibaho, uretse Imana, wari kimwe mu biyigize. Yari izi icyo izina ryawe rizabacyo. Yari izi ibara ry'umusatsi ufite. Yari izi byose kuri wowe. Ikintu cyonyinye cyabaye ni igihe wowe, ukiri umunyabyaha...

19 Benshi muri mwe mushobora gufatanya nanjye kuri iki gitekerezo. Igihe wari umusore muto, cyangwa umukobwa muto, ushobora kugenda aha na hariya ukaba ikintu runaka icyo washobora, aho ibyo bitabangamiye abandi bana, bigasa nkaho hari ikintu muri wowe cyatakaga. Hari Imana ahantu runaka, nyamara uri umunyabyaha. Ese ibyo urabyibuka? Nyakuri. Noneho, ibyo byari ibiki? Iyo yari yashusho nto y'Ubuzima iri muri wowe noneho.

Kandi noneho nyuma y'igihe runaka, wumva Ubutumwa Bwiza. Ahari wenda wagiye ku rusengero; uterura ibi cyangwa biriya, maze utangira kuva mu idini ujya muri ndi. Ariko umunsi umwe, kubw'uko uri igice cy'Imana, wagomba kuba igice cy'Ijambo. Kandi igihe wumvise Ijambo, umenya aho waturutse, umenya icyari Ukuri icyo aricyo. Wari cyo igihe cyose, imbuto yari muri wowe igihe cyose. Ijambo ryabonye Ijambo ryari muri wowe, iryo ryariho mbere y'imfatiro z'isi, ubonye Ijambo uhita urisanga.

20 Kimwe na ya nkuru yanjye y'ikizu gito, uburyo icyo kizu gito cyari cyaraturagiwe mu nkoko. Kandi icyo gito kikagendana n'inkoko, icyo, iyp inkoko kazi yakokoza, nticyasobanukirwaga uko gukokoza kwayo. Maze iyo mishwi, ibyo kurya byayo byari mu bimoteri, ibyo ntiyabisobanukirwa, uburyo bakora ibyo. Ariko hari ikintu muri cyo, cyatumaga gisa nkaho kinyuranye n'uko inkoko zimeze, kubera ko kuva

mu itangiriro cyari ikizu. Uko ni ukuri. Umunsi umwe nyina aza guhiga, maze, igihe cyumvise uko gusakuza kw'ikizu, kwari gutandukanye no gukokoza kw'inkoko.

Kandi uko niko biri kuri buri mwizera wese wavutse bwa kabiri. Ushobora kumva tewologiya zose ushaka ndetse nizo nyigisho za kimuntu zo kurema ibice; ariko igihe iryo Jambo rimuritse aho, noneho haba hari ikintu gikozweho, uhita uza kuri Ryo. "Namwe abari bapfiriye mu byaha; ubwo buzima bwarabazuye." Hagomba kuba hariho Ubuzima ubwo buzura, mbere. Imana kubwo kumenya kwayo mbere yamenye ibintu byose. Kandi twari twaramenywe mbere kubwo kuba abahungu n'abakobwa b'Imana. "Mwebwe mwari mupfuye igihe kimwe mwishwe n'ibyaha n'ibicumuro, aho twese dufite ibihe byacu byahise, ariko Yaratuzuye."

21 Reba kuri Pawulo, igihe Pawulo yari umunyatewologiya ukomeye. Ariko igihe yahuye n'Ijambo amaso ku maso, Yesu, Ryaramuzuye. Yaje mu Buzima ako kanya, kubera ko yari yaratoranijwe kuba bwo. We… Yari igice cy'Ijambo; kandi igihe Ijambo ryabonye Ijambo, ryari kamere ye. Uko gukokoza kw'inkoko kazi z'amatorero ya orthodox, ntacyo byamukoragaho; yari yabonye Ijambo. Ryari igice cye. Yari ikizu. Ntabwo yari inkoko; yari gusa mu kimoteri hamwe na zo. Ariko yari ikizu kuva na mbere.

22 Numvishe inkuru isa n'iyo, ndatekereza ko bitaribwumvikane nabi, ibijyanye n'igishuhe gito cyaturazwe n'inkoko igihe kimwe. Nticyashoboraga kubyumva. Ikintu gifite ukuntu gisa kwihariye, ikintu gisa nabi, kandi ntabwo cyakoranaga n'umukungugu n'ibindi. Zarimo zikinira mu kimoteri. Ariko umunsi umwe iyo nkokokazi itwara imishwi yayo inyuma y'ikimoteri, maze zumva ahantu hari amazi. Nuko, kigenda cyerekeye amazi cyihuta mu buryo bushoboka. Kubera iki? Ntabwo cyari cyarigeze kigera kumugezi mbere. Ntabwo cyari cyarigeze kuba mu mazi. Ariko cyari igishuhe kuva na mbere. Ikintu kimwe cyari gikeneye gusa n'ukwigarukamo.

Ibyo ni ibintu bimwe n'uko umwizera ameze. Hari ikintu muri we, icyo, igihe ahuye n'Imana amaso ku maso, ahita yigarukamo. Iyo mbuto iri muri we, maze igahita ibona ubuzima. Mbega, uko ni ukuri, maze agahita aguruka ahunga ibintu by'isi. Agahita apfa kuri yo. Mbega, ndibuka, twese twari dufite ubuzima bwacu mu bihe byahise muri ibyo bintu. Ariko igihe kimwe dukorwaho n'Ikintu cy'ukuri, ikintu cyaduhaye ubuzima, imbuto nto yaje mu Buzima, noneho ibintu byose by'isi biborera aho, Ntitwongeye kubyifuza ukundi.

23 "Uwo wabyawe n'Imana, ntabwo akora icyaha. Umuramya igihe yejejwe nta bwo yongera kugira wa mutimanama w'icyaha, nta n'icyifuzo cy'icyaha ukundi." Ikibazo cy'icyaha kiba gikemutse. Uhinduka igice cy'Imana muri Kristo. Kristo yapfuye kugira agucungure.

Noneho, tekereza gusa icyo tuba twarabaye cyo iyo bitaba iby'Imana. Ariko Imana mu mbabazi Zayo zikungahaye, mbega uko Yaducunguye muri uyu mugoroba. Nihe twari kuba turi muri uyu mugoroba iyo bitaba imbabazi z'Imana zikungahaye kuri twe?

Igihe kimwe isi yari yuzuye icyaha, wa muntu yari yateye kwangirika kuza ku isi kugeza ubwo byababaje Imana kuba Yararemye umuntu. Umutwe wose wari igisebe cy'umufunzo, umubiri wose, kandi Imana yari ibabajwe n'uko Yaremye umuntu. Nuko Iravuga iti, "Nzarimbura abantu naremye." Izabarimbura kubera ko nta kintu bari bafite uretse itsinda ry'abangiritse.

Kandi ikiremwa muntu cyose cyajya kuba cyaramazweho kirya gihe, ariko Imana umutunzi w'imbabazi ntabwo yajyaga kwemera ko abakiranutsi barimbukana n'abanyabyaha. Nuko Iragenda maze Irema inzira yateganijwe kuri uwo ushaka kwinjira, abo bashaka gukora ibikwiriye. Irema inzira y'imbabazi kuri abo bashakaga imbabazi, nuko iteganya inkuge. Muyandi magambo, Ishyira amababa ku kizu Cyayo, kugira ngo kibashe kuguruka hejuru y'urubanza, kandi cye kurengerwa hamwe n'inkoko. Ariko yaremye inzira yo kurokoka mu minsi ya Nowa. Ibyo Byayiteye gukora ibyo, kuyiteganya, kubera ko yari umutunzi w'imbabazi.

24 Ariko nyuma y'uko itanze inzira ku bantu maze bakayanga… Noneho, impamvu bayanze ni ukubera ko nta kintu cyari muri bo cyo kuyakira. Nta cyari gihari cyo kuyakira. Mama umbyara yajyaga akunda kuvuga ati, "Ntabwo wabona amaraso kuri karoti, kubera ko nta maraso aba muri karoti." Noneho niba nta bwoko bw'Ubuzima burimo aho kugira buryakire, noneho ubwo Ntirishobora kwakirwa.

Iyo niyo mpamvu Abafarisayo bashoboraga kureba mu maso Yesu maze bakamwita Beelzebub, kubera ko nta kintu cyari muri bo cyo kubasha kumwakira. "Ariko abo Data yampaye bose," Aravuga ati, "Bazansanga." Hari uburyo runaka bigiye kugaragazwa.

25 Ushobora kuvugana n'abantu bari mu muhanda rimwe na rimwe, ukababwira ibijyanye n'Uwiteka; bakagusekera mu maso yawe. Nibyo, ariko dukwiriye kubikora uko biri kose. Ariko mwumve, "Nta muntu n'umwe ushobora kuza aho Ndi keretse Data abanje kumureshya. Kandi abo Data yampaye bose, bazansanga."

Yateganije uburyo kuri abo bashaka gucungurwa. Yateganije uburyo kuri abo bashaka gukira indwara. Kandi noneho kubera ko ibyo yakoze ibi, yabaye Umutunzi w'imbabazi, nkuko igihe cyose yabaye

umutunzi w'imbabazi. Niko bigomba kuba, nuramuka wanze ibi, nta kindi kiba kigusigariye uretse urubanza, kubera icyaha kigomba gucirwa urubanza.

Farawo, igihe yinjiye mu nyanja, nk'umuntu wigana, abona ko ari bujyemo nkuko Mose yabikoze… Mose hamwe n'ingabo ze, na Farawo n'ingabo ze, bombi bajyaga kurimbukira mu nyanja, niko byagaragaraga. Ariko Imana umutunzi w'imbabazi, yateguye uburyo bwo gukira ku bana b'Abaheburayo (Kubera iki?), kubera ko bari bakurikiye uri ku murimo utahiwe; barimo bakurikira Ijambo.

Noneho, ubwo nibwo buryo gusa bwo kubona imbabazi, ni ugukurikira amabwiriza y'Imana ayo yaduhaye gukurikiza. Iyo niyo nzira gusa Ishobora kwerekana imbabazi, ni igihe dukurikiye icyo Yavuze tugomba gukora.

26 Mu kiganiro gito ntabwo hashize igihe kirekire hamwe n'umubwiriza umwe wavuze ko nigisha inyigisho z'intumwa muri iyi minsi. Ndibwira ko nabivuze nimugoroba cyangwa iminsi ibiri ishize, cyangwa igihe runaka, ku bijyanye n'uburyo yavuze ati, "Urimo kugerageza kuzinjiza muri iki gisekuru, inyigisho z'intumwa." Aravuga ati, "Igisekuru cy'intumwa cyarangiranye n'intumwa."

Maze ndamubaza nti, "Ntacyo, noneho wizera Ijambo?"

Aravuga ati, "Yego"

Ndavuga nti, "Ibyahishuwe 22:18 havuga gutya, 'Uwo ari wese uzakuraho Ijambo kuri Iri, cyangwa akongeraho ijambo kuri Ryo...' ntabwo ari amagambo abiri; ijambo rimwe, gukuraho Ijambo rimwe..."

Aravuga ati, "Ibyo ndabyizera."

Ndavuga nti, "Noneho nshobora kukubabwira igisekuru cy'intumwa igihe cyatangiwe ku itorero; noneho nawe umbwire igihe Imana yongeye kugikura mu itorero tugendeye ku Ijambo. Ntabwo wabikora; nta bihari." Ndavuga nti, "Noneho, mwibuke, ko Petero ku munsi wa Pantekote, yari uwatangije igisekuru cy'intumwa. Maze abwira bose, 'Mwihane, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha, kandi muzahabwa impano y'Umwuka Wera. Kubera ko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose, n'abo Umwami Imana yacu izahamagara bose.'"

27 Noneho, niba mushaka kumva gukokoza kw'inkoko kazi za madini runaka, maze ukabaho hariya hanze mu bintu by'isi, noneho biba bigiye kwerekana ko hari ikitangenda muri wowe. Kubera iryo ni Ijambo. "Ushaka wese, naze." Kandi niba ufite ubushake, wakwiriye kuza. Ariko niba ntabushake ufite, noneho uri mu mimerere iteye agahinda. Ariko niba ufite ubushake bwo kuza, ngwino ukurikize umurongo w'Imana. Kandi ntabwo Ijya Inanirwa gusohoza icyo Yasezeranye. Igihe kimwe nari muto, none ubu ndashaje; ntabwo nigeze mbona ananirwa mu Ijambo Rye. Kubera ko Yashobora gukora buri kintu cyose uretse kunanirwa. Ntabwo yatsindwa. Imana ntibishobora. Ni ibidashoboka ku Mana gutsindwa, maze igakomeza ari Imana. Iragomba, Igomba kubikora.

28 Noneho, Ingabo za Farawo zagerageje kwigana, kubera ko batari bahamagawe kandi bakaba batari bafite ubwo Buzima. Muri… Isezerano ntabwo ryari ryahawe Farawo. Isezerano ry'igihugu cy'isezerano ntaryo yari yahawe.

Kandi kwigana, kugerageza gukurikira umwizera w'ukuri uwo wabihamagariwe, ibyo byamubyariye gusekwa gusa. Icyo nicyo kibazo ku mikorere y'amadini y'uyu munsi. Hari abantu benshi barimo bagerageza kwigana Umwuka Wera, abantu benshi bagerageza kwigana umubatizo, abantu benshi bagerageza kwigana igisekuru cy'intumwa. Kubera ni iby'abizera kandi ni abo gusa. Imana yaremye inzira, umutunzi w'imbabazi, kugira ngo abana bayo batazarimbuka. Yabaremeye inzira.

Noneho, Farawo yarimo agerageza gukurikira, arohama mu mazi amwe yakijije Mose n'itsinda rye. Noneho Mose ntabwo yarohamye, kubera ko Imana ari umutunzi w'imbabazi kuri abo bakurikira inzira Ye yateganijwe. Amena.

Ese ushobora kubona icyo nshaka kuvuga? Ko kuri uyu mugoroba, abantu batizera gukira kwa Kimana, abantu batizera umubatizo w'Umwuka Wera, ni gute bagira icyo bakira? Imana ni umutunzi w'imbabazi kuri abo bamukurikira; atari abakurikira umuhango, ahubwo abakurikira Imana.

29 Imana ni Ijambo; Ryahindutse umuntu maze ritura hagati muri twe, noneho, kugira ngo rizane ibindi bigize Imana. Umubiri, Yesu yari umubiri w'Imana, ibiyigize. Mose yayibonye Itambuka, umugongo Wayo; nta muntu wigeze ubona mu maso Hayo. Ariko noneho twarayibonye, twarayirebye, tuyibona nk'igitambo. Noneho, murebe, Yari ikigize Imana, kubwo kugaragazwa, Jambo. Icyo nicyo yari cyo.

Kandi igihe umwizera uwo ari wese aje ku Mana, ahinduka ikigize Imana cyo mu Ijambo Ryayo; aba akoreshejwe ngo agaragaze Ijambo ryazeranywe kuri uwo munsi. Murabona? Uko ni ukuri. Imana, umutunzi w'imbabazi, ntabwo yigeze idusiga nta buhamya. Ni umutunzi w'imbabazi.

30 Tubona ko Imana yari yuzuye imbabazi kuri Mose aho kunyanja itukura… aho ku Nyanja Itukura aho

hanze. Noneho igihe Yavuze hano, mu Kubara 19:4, Iravuga ati, "Nabahetse ku mababa nk'ibizu, Ndabizanira. Mbaheka ku mababa y'ibizu, kandi Ndabizanira." Hari abandi bantu hagati muri iyo nyanja aho hanze, barimo bagerageza kwigana. Ariko iki? "Yabahetse ku mababa nk'ibizu."

Noneho, Imana igihe cyose yagereranije abahanuzi Bayo nk'ibizu. Kandi n'iki cyari ikibazo? Mose yari intumwa Yayo. Kandi barimo bakurikira Mose, kandi ibyo byari amababa y'ibizu ayo bari bahetsweho, kubera ko bari batwaye ubutumwa bw'Imana. Kandi abantu barakurikira. Bari bakurikiye Imana mu gihe bakurikiraga Mose hamwe n'ubutumwa bwe bwo kubohorwa. Kandi Bibiliya iravuga iti, "Ntabwo barimbukanye nabo banze kwizera." Kubera ko Imana ari umutunzi w'imbabazi kuri bo, kubera ko bakurikiraga amategeko Yayo. Imana irashaka ko dukurikira amategeko Yayo.

31 Dushobora kuvuga bimwe na Kora n'ibimeze nka Datani ndetse n'iryo tsinda ry'abantu babatizera, nkuko bagerageje kwigana. Bagerageje guhata ibintu muri gahunda z'Imana. Ntago zari nka gahunda z'umuntu runaka. Ntabwo zari nka gutyo. Hagombaga kuba ikintu cyo gukora. Kora aravuga ati, "Kubera iki, hari abantu bera kukurusha, Mose. Ukora nkaho ari wowe w'igiciro wenyine." Maze aravuga ati, "ntiwari ukwiriye gukora gutyo. Kandi hari abandi bantu hano."

Maze Mose amenye ko agomba gutwara aba bana aho mu gihugu cy'isezerano, kubera isezerano ryari ryahawe we. Kandi yagombaga kubajyana mu gihugu cy'isezerano.

32 Kandi, uyu munsi, Umwuka Wera ari hano kugira ngo ahamirize Ijambo ry'Imana, kandi ayo mababa y'ibizu ayo agomba kugenderwaho, atari za tewologiya zahimbwe n'abantu. Ariko tugomba kugendera ku mababa y'ibizu, tukajya mu gihugu cy'Isezerano.

Kandi hano bari bagiye gushaka itsinda ry'inkoko aho hanze, Kora aratekereza, murazi, mu kuza aho, arimo yigana ibi, ikizu. Igihe babikoze, Imana iravuga iti, "Mwitandukanye na bo," Maze yasamura ubutaka. Yajyaga kuba yarabamize bose, ibyaremwe byose, ariko ni Imana y'umutunzi w'Imbabazi kuri abo bagerageza gukurikira Ijambo Ryayo. Igihe cyose, Imana ni umutunzi w'imbabazi. Benshi muri bo baje aho ku ruhande rwa Mose, kandi Imana ibumbura isi maze imira abatizera. Abatizera igihe cyose bazarimbuka.

33 Abo batizeye, nubwo basohotse maze bakagenda akanya gato, ariko, bo… Yesu yaravuze ati, "Bo, buri wese, yarapfuye." kandi gupfa ni "ugusenyuka burundu." Barapfuye. Noneho bitekerezeho. Barasohotse, babonye ibitangaza by'imana, babonye ikiganza gikomeye cy'Imana, bariye manu; maze barasohoka bajya kumva umuntu witwa Balamu, yangiza inzira y'Imana binyuze mu nyigisho ze zinyuranye n'Ijambo, "Twese turi abandimwe, noneho reka twese tujye hamwe."

Abo ni indi mikorere ya Balamu irimo guhaguruka ubu, "Reka twese hamwe." Ntabwo bizakora. Reka tugendane n'ikizu, Yehova ikizu. Muri ibizu bito.

Hari batatu bakize mu itsinda ryose; Mose, Karebu, na Yosuwa. Abasigaye bose barimbukiye mu butayu; Yesu uko niko yavuze muri Yohana ibice 6. Imana y'imbabazi ntiyajyaga gutuma barimbuka, hamwe n'igice gisigaye cy'abatizera. Bose barapfuye aho ngaho mu butayu, kandi barapfuye. Imana yakijije Mose n'abizera b'ibizu, kubera ko abo nibo bari bafite kubaha Ijambo Ryayo.

34 Kandi uyu munsi, nshuti, uburyo bumwe gusa dushobora kugira amahirwe ku Mana, Imana umutunzi w'imbabazi uyu munsi, ntabundi uretse ko tugomba kubaha icyo Yavuze kuri Ryo. Ntabwo wafata icyo umuntu runaka wundi yavuze. Ukwiriye gufata icyo Imana yavuze. Yaravuze iti, "Reka Ijambo ryose ry'umuntu ribe ikinyoma, Iryanjye ni ryo kuri."

Uyu tubwirwa ko icyo dufite gukora ahantu henshi ari kwiyunga ku rusengero, ukagira umugenzo, cyangwa ikintu nk'icyo; cyangwa ukavuga amasengesho, cyangwa ugashyira izina ryawe mu gitabo, cyangwa ugatonyangirizwaho amazi cyangwa ukabatizwa mu buryo runaka, cyangwa ikintu nk'icyo. Icyo nicyo ukwiriye gukora. Ariko ibyo ni amakosa. Mu kuba ibizu by'Imana, ukwiriye gukurikira Ijambo umunsi ku munsi. Ugomba gukomeza kurya ku Ijambo.

35 Noneho, tubona bo, nyuma y'igihe, bitonganya nanone, bacitse intege mu kwizera, nyuma y'uko Imana iberetse imbabazi. Kandi tubona ko bitotomberaga Imana, kandi igihe babikoze, bahise bicwa n'ubumara bw'inzoka. Nibyo, bari babikwiriye. Byari byo nyakuri. Umuntu wese uzica Ijambo ry'Imana maze agakora ibi bintu nk'ibyo bakoze, akwiriye gupfa. Buri wese muri bo yari akwiriye gupfa muri ubwo butayu.

Ariko igihe bari barwaye cyane habe na muganga Mose ndetse nta nundi muri bo washoboraga kugira icyo akora kuri byo, kandi barimo bapfa ari ibihumbi byinshi, ariko Imana umutunzi w'imbabazi, Yashyizeho inzira yo guhungiramo kuri abo bashobora kuyizera. Yashyizeho umuti kuri bo ubwo yashyiragaho inzoka y'umuringa. Imana mu butunzi Bwayo... Imana yaremye inzira yo guhungiramo bityo kugira ngo abana bayo bizeye babashe gukira.

Imana yita kuri buri kintu kitagenda, buri kintu utekereza ko cyaba. Buri ntambwe y'ubuzima, Imana

ishishikajwe na we. Uri umwana Wayo, kandi Yo ni umutunzi w'imbabazi. Irashaka kubikora kuri wowe.

36 Abantu bakoze icyaha nyuma kubwo gufata icyo kintu kimwe Imana yabahaye nk'impongano kuri bo, binyuze muri iyo nzoka y'umuringa, yashushanyaga icyaha cyamaze gucirwa urubanza, maze bahindura iyo mpano ikigirwamana. Kandi bongera gukora icyaha nanone. "Imana ntawe izasangira na we icyubahiro Cyayo." Kubw'ibyo, ntabwo dushobora kugira imana ebyiri, eshatu, enye. Hari gusa Imana imwe. Ntabwo izasangira icyubahiro Cyayo n'ikindi kintu cyose. Ni Imana, yonyine (Murabona?), noneho nkuko abapagani bagira imana nyinshi. Twe dufite Imana imwe, kandi ntabwo izasangira icyubahiro Cyayo n'undi; nta nubwo izigera yemera ko ikintu ikiba ikigirwamana imbere Yayo. Nubwo yatanze impongano ku bantu, kandi ikaba yari Ijambo ry'Imana, byari ukuri; ariko igihe byageze aho kubihindura ibigirwamana, noneho aho binjiye mu kaga.

37 Noneho, ibyo ni ikintu kimwe, niko ntekereza, ibyo nibyo biba kuri ibi bisekuru byacu by'itorero. Imana yatwoherereje ubutumwa bwa Martin Luteri, hamwe n'ubutumwa bwa John Wesley, ubutumwa bw'Abapantekote, ariko ni iki twabukoreye? Ikintu kimwe n'icyo bakoreye iriya nzoka y'umuringa; twabihinduye ibigirwamana, "Ndi uwo muri ibi, kandi ndi muri ibi." Murabona, ukaba uri mu bintu ariko nta bunyakuri buri kumwe no kuramya Imana k'umwimerere ku Ijambo.

Ni iki cyabaye? Bibiliya… Twabwiwe muri Bibiliya ko umuhanuzi yafashe icyo kigirwamana maze akagisenya. Halleluya.

Icyo dukeneye mu murimo uyu munsi ni umuhanuzi uwo uzasenya icyo kirwamana cy'amadini, abo batekereza ko bagiye mu ijuru bashingiye ku migenzo runaka cyangwa idini; bikwiriye gusenyuka maze bigatwikwa, bigatabwa kure. Imana yuzuye imbabazi. Ni umutunzi w'imbabazi. Mugihe twese twagakwiye kuba turi muri ako kavuyo k'umwijima aho hanze, ariko Imana umutunzi w'imbabazi itwoherereza Umwuka Wera w'umwimerere w'ukuri hamwe n'ubusobanuro Bwayo Ubwayo, hano muri iyi nyubako buri mugoroba. Imana umutunzi w'imabazi Zayo, Mbega ukuntu tubona ko atangaje. Yego, mugabo.

Noneho, ibyo batekereje bashoboraga gukora gusa kwari ukujya kuri iyi nzoka, cyangwa iki kintu gito Imana yari yakoze hariya, igiha Mose ngo agikore maze akimanike hariya ku giti, kandi bashoboraga gukira bitagombye ubunyakuri ubwo aribwo bwose. Barahagararaga gusa maze bakayireba. Maze bayihindura ikigirwamana, nuko Imana yohereza umuhanuzi aho kugira ngo agisenye.

38 Noneho, abo bose banze kureba kuri iyo nzoka mu butayu, bararimbutse. Noneho, Imana yaremye inzira, ariko igihe wanze kuyireba, igihe uzicara aho ku muhanda, igihe uzakomeza imigenzo runaka maze ukanga kureba ku Ijambo kugira ngo urebe niba ari ukuri cyangwa atariko; abo bose banze kureba. bararimbutse. Kandi Imana ntabwo Ijya ihinduka. Niko abo bose banze kureba, barimbutse. Uko niko biri uyu munsi, ikintu kimwe.

Hanyuma abantu bakoze icyaha nyuma, nkuko babikoraga igihe cyose, nuko ibi babindura ikigirwamana, mu kubigira gutyo bashakaga ko bakira nta bunyakuri mu mutima, kandi bari mu bintu, nk'uburyo tubikora muri iyi minsi. Kandi ubu turabibona, itandukaniro ryabyo yari iyo Mana...

Yari impongano nziza, ikimenyetso cyiza kuri icyo gihe. Icyo gihe byari nta kibazo. Ariko byagombaga kuba muri icyo gihe, kubw'urwo rugendo. Aho niho gusa byashoraga gukora, muri urwo rugendo.

39 Kandi ubutumwa Martin Luteri yazanye bwo gutsindishirizwa no kwizera bwari bwiza ku gisekuru cya Luteri. Ibyo byagiye bijya kure uko byagiye bigenda. Kwezwa byari ibyo mu gisekuru cya Wesley. Byagiye bijya kure. Noneho tuza mu gisekuru cy'Abapantekote. Kandi kwari ukugarurwa kw'impano cyari ikintu cyiza; cyari ikintu cyiza muri icyo gisekuru; ariko twarenze ibyo ubu. Ibyo twarabirenze, neza neza nkuko hari isi. Tugomba kurenga ibyo bintu, kubera ko twakoze ibyo bimwe ni ibyo bakoze mbere; twabihinduye ibigirwamana. "Ndi uwo muri gahunda iyi. Mbarizwa muri iriya gahunda"

Imana izohereza umuntu uzabisandaza, kandi akabicangaguramo uduce, maze agahamiriza Ijambo Ryayo, Ijambo ryuzuye. Mwitegereze. Imana ihimbazwe. Noneho, tubona ko ibyo ari ukuri. Imana umutunzi w'imbabazi.

40 Noneho igihe umuhanuzi yabisenye, basigaye nta kimenyetso cyo gukira indwara, cy'impongano, kubera ko ikigirwamana cyabo cyari cyasenywe. Ariko Imana umutunzi w'imbabazi yabakoreye ikindi. Kandi ni iki yakoze kuri ibyo? Yateye amazi kwibirundura mu kidendezi cyo kurusengero, ndetse benshi baraza nuko barakira kubwo gukandagira muri ayo mazi. Yesu aza kuri iki kidendezi kimwe maze abona umuntu wari umaze iminsi aryamye aho imyaka myinshi, ategereje ko amazi yibirindura. Murabona, Imana umutunzi w'imbabazi. Nubwo bahinduye ikigirwamana icyo kintu, nubwo byasabaga umuhanuzi kugisenya, Imana yakoraga ubundi buryo kuri bo, kubera ko Yo ari umutunzi w'imbabazi. Ishaka ko bakira indwara, kandi Yashyizeho uburyo bwo kugira ngo bakire indwara.

Noneho, hanyuma ibyo birakomeza, isi irushaho kujya mu byaha ndetse ihinduka iyuzuye ibyaha ibihe byose. Kandi amaherezo isi izaba inyabyaha kuburyo Imana izayisenya, niko Yavuze muri Malaki 4, "Kugira ngo ntaza maze ngatera isi umuvumo." Yajyaga kuba yarabikoze; ariko ikibazo...

41 Ariko noneho Imana umutunzi w'imbabazi yohereje Umucunguzi, Yesu Kristo. Yohereje Yesu kugira ngo abe byombi Umucunguzi n'Ukiza indwara. Kubera ko Yavuze iti, "Nkuko Mose yamanitse inzoka y'umuringa mu butayu, uko niko Umwana w'umuntu azamanikwa," Kubw'iyo mpamvu imwe. We, iyo Mpongano, ibyo nibyo dukwiriye gusaba, nta kindi uretse impongano. Abo Yesu yaguze Amaraso Ye, abo nibo dusabira. Kandi Bibiliya iravuga iti, "Yakomerekeye ibicumuro byacu; Yakubitiwe gukiranirwa kwacu; igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We; kandi imibyimba ye niyo adukirisha." Icyo nicyo twari dukwiriye gusaba, kubera ko icyo nicyo mpongano, ibyo nibyo dushyigikira, nibyo twategetswe. Imana umutunzi w'imbabazi.

Uyu yagombaga kuba impongano y'iteka, kubera ko Yaje Ubwe. Imana yaje Ubwayo mu ishusho y'icyaha mu mubiri kugira ngo ireme impongano y'iteka; kandi ababazwe mu mubiri, maze ireme impongano; maze igaruke mu ishusho y'Umwuka Wera, kugira ngo ihamirize iyo mpongano. Aho nta nzoka y'umuringa cyangwa amazi y'ibirindura ahari; byose birimo byerekana iyo mpongano itunganye. Imana umutunzi w'imbabazi yakoze ibi.

42 Noneho, uyu munsi, kubwo kuba ari cyo gihe turi kubamo, twaje muri ibi bihe by'itorero maze dusobanura buri kintu kure y'ibyo. Abanyatewologiya bacu b'uyu munsi bataye kure icyo gice cyaryo. Babisobanuye mu buryo buri kure y'ibindi bihe, mu bindi bisekuru, ibindi bintu runaka, aho kera, mu bihe byashize. Kandi gukira kwa Kimana kwagiye gukinishwa, kuburyo bigoye kubona umuntu wese yakwizera. Barabikinishije. Ntabwo bitandukanye no mu myaka makumyabiri ishize, ubwo babikinishaga. Abapantekote barabiretse burundu. Babitangiye mu minsi ya kera, ariko barabiretse.

Reba uko babikoze. Noneho, binjiye mu idini kubwinshi, birukira kujya kwikorera imigenzo buri wese ndetse n'ibindi. Usibye gusa, aho kuba Umucyo, nkuko Umucyo wazaga, bishyize hamwe maze biremera imigenzo, buri we muri bo aza aho, yikorera inyigisho nshingiro kandi atura muri iyo nyigisho nshingiro. Maze batuma bajya kure kugeza ubwo Umwuka Wera adashobora kwinjira mu rusengero. Bihinduka nanone ikindi kigirwamana nka ya nzoka y'umuringa, bihinduka ubusambanyi. Buri muntu aravuga ati, "Ndi uwo muri ibi, kandi ndi uwo muri biriya." Byari ubusambanyi. Mbega umwanda twarimo ku iherezo ry'igihe.

Ariko Imana umutunzi w'imbabazi yohereje Umwuka Wera kuri twe, maze ahamiriza Ijambo ry'Imana uyu mugoroba nkuko yasezeranye ko Azabikora. Imana yasezeranye ko Izakora ibi bintu. Reba icyo Yakoze.

43 Murebe icyo Yakoze, We… Ni gute dushobora kubona uburyo Yasezeranye muri buri gisekuru ikintu runaka ko kigomba kubaho. Kandi tubona ko cyasohoye neza neza nkuko, Yari yavuze ko ari uko Azabikora, kubera ko Ari umutunzi w'imbabazi kubwo kugira imbabazi zo gusohoza buri Jambo iryo Yasezeranye. Agomba kubikora, kandi igihe cyose, mu rwego rwo kugumana n'Imana. Igihe cyose akora ibi; Igihe cyose Ijambo Ryayo risohora mu gihe cyaryo, imbuto Yayo iyo yabibye aho mu isi. Ni iki yakoze? Yabishyize hano mu Ijambo, kandi iyo ni Imbuto. Kandi igihe cyose igisekuru kije, iyo mbuto irakura, maze noneho abagorozi bakaza. Kandi yarabisezeranye, kandi nibyo biba.

Noneho, ntabwo dukwiriye ibi bintu. Ntabwo twari dukwiriye imigisha y'Imana, kubera ko twagiye hanze inyuma y'ibintu by'isi, twagiye mu makosa ya Gahini. Gahini, yubatse igicaniro cyiza ndetse urusengero rwiza, maze ashyiraho indabyo kuri cyo, maze aratekereza ko ari byo neza neza byagombaga; hari ikirundo cya pomme, na pears cyangwa pomegranates, cyangwa ikindi yatekerezaga ko ise na nyina bariye mu ngobyi ya Edeni icyo cyatumye birukanwamo. Maze ibyo abitura Imana, maze Imana irabyanga.

44 "Ariko Abel binyuze mu kwizera yatambiye Imana igitambo gitunganye kurusha icya Gahini."

Kandi uyu munsi, Bibiliya iravuga muri Yuda, ibyo, "Bagendeye mu nzira za Gahini; barimbukira mu guhakana ukuri nka Kora." Murabona, birukiye mu nzira za Gahini, bubaka ibicaniro, bubaka insengero, amadini, bazitaka indabo, nini, abagize urusengero benshi kurusha abasigaye bose; gufata ibintu, buri kintu kije no gusimbagurika hejuru no hasi, cyangwa gukorana mu biganza, cyangwa kubatizwa mu buryo runaka, cyangwa kuvuga mu ndimi, cyangwa mu kwiruka aho hasi, bagashyira amazina yabo mu gitabo. Uko ni ukuri. Maze noneho bagashyiramo Ukuri nyako kwabwirijwe, maze bakaguhakana. Ni gute byaba gutyo? Mwitegereze umwanda twarimo. Mwitegereze.

Kandi Bibiliya iravuga iti, "Bagendeye mu nzira ya Balamu, kandi barimbukira mu kwanga ukuri kwa Kora." Barimbukiye mu kwanga ukuri kwa… Kwanga kumva ukuri kwa Balamu kwari iki? "Kubera iki utekereza ko ari wowe muntu wera wenyine? Kubera iki, Imana… Twese turi abera. Itorero ryose ni uko riri. Buri wese... Twese tujye hamwe; icyo nicyo dukwiriye gukora." Aho niho barimbukiye; ibyo, kandi nyakuri twari tubikwiriye. Dukwiriye kuba ibyo.

Ariko Imana umutunzi w'imbabazi yadukuye muri urwo ruvange maze ituma tubona aho ibintu biri kwerekeza. Umutunzi w'imbabazi, maze atwoherereza ububyutse bwo gukira kwa Kimana, no kugarurwa kw'imbaraga z'Imana bundi bushya.

Ukurikije amateka, nta bubyutse bwigeze bumara imyaka itatu. Ubu bubyutse bumaze imyaka cumi n'itanu; bwabaye umuriro ugurumana aho hose mu isi. Kubera iki, ese ni ukubera ko tubikwiriye? Imana umutunzi w'imbabazi, ntabwo byatewe n'uko tubishaka cyangwa kubera tubikwiriye, sibyo.

45 Mutekereze ku byakozwe. Tekereza kuri mushiki wanyu uri hano muri Phoenix, uwo abenshi muri mwe muzi, Mrs. Hattie Waldrop; yari afite kanseri y'umutima. Kandi yari mu murongo w'amasengesho hano igihe Mwene Data Moore na njye twari hano inshuro ya mbere, nko mu myaka cumi n'itanu, imyaka cumi n'umunani ishize. Yari arembejwe na kanseri y'umutima, kandi yagombaga kuba yarapfuye imyaka myinsyi ishize. Ariko Imana umutunzi w'imbabazi yohereza imbaraga Zayo kuri we. Maze Ikiza ubuzima bwe, kandi ariho uyu munsi. Imana umutunzi w'imbabazi.

Umusenateri Upshaw, umuntu ukomeye, ndatekereza yari President, cyangwa mu Babaptista, Southern Baptist Convention igihe kimwe, cyangwa yari Vice President cyangwa ikintu runaka. Yakoze byose. Yari umuntu mwiza. Yakoze ibyo yari azi uko bikorwa byose. Yashoboraga kujya ku muganga. Nta muntu washobora kugira icyo amukorera. Yari abohewe hasi. Ababwiriza baramusengeye. Yari afite nk'ijerekani y'amavuta yamusutsweho ku mutwe we, mu gusigwa, ku babwiriza batandukanye ahantu hose.

46 Ijoro rimwe, Los Angeles, California, nzamuka ku gicaniro, ndeba itsinda ry'abagendera mu tugare nk'abakubye inshuro ebyiri, inshuro eshatu, kuri abo bicaye aha, hose hejuru no hasi hagati y'intebe, inyuma n'imbere. Kandi noneho aho hari harambitse ingombyi irimo umukobwa w'umwirabura, umwirabura kazi, kandi mama we yari ahagararanye na we. Kandi mwene Data yarimo abazamura ku murongo w'amasengesho.

Kandi narimo ndeba, ntazi ikirimo kuba. Maze mbona umuganga ufite utwo turahuri two kwa muganga arimo abaga uyu mukobwa muto w'umwirabura kubera ikibazo cyo mumuhogo, maze ahita aba paralize. Maze ndeba aho; ndibaza nti, "Wa mwana ari he?" Sinashoboraga kumubona.

Nyuma y'akanya, aho hepfo, nta byiringiro, uwo mwana w'umukobwa mwiza nk'imyaka irindwi cyangwa umunani, kuba paralize ubuzima bwe bwose busigaye… Kandi aho hari mama we aho hepfo apfukamye ku mavi, arimo asenga. Noneho ndavuga nti, "Uyu muganga yabaze umukobwa wawe muto" maze ndabisobanura.

Aravuga ati, "Uko ni ukuri, mugabo."

Maze agerageza kuzana umwana ku gicaniro. Bamubuza kubikora. Bagerageza kumuturisha aho hepfo. Mugihe barimo bamuturisha, ndatekereza, "byiza, tugize amahirwe yo kumusengera." Mu minota mike… Ahari abantu bari hano bari aho uwo mugoroba.

Kandi narimo ndeba, mu materaniro; mbona uwo mukobwa muto amanuka, bisa nk'aho ari mu muhanda muto, hamwe n'agakinisho mu biganza bye, akazunguza imbere n'inyuma. Ntitaye uko muganga yari yavuze kose ko agiye kuba paralize ubuzima bwe bwose busigaye, Imana ni umutunzi w'imbabazi yohereje aho Umwuka Wera binyuze mu iyerekwa, maze uwo mukobwa muto ahaguruka aho, maze we na mama we bafatana mu kiganza bamanuka aho hagati y'intebe, bashima Imana.

47 Aho inyuma hari hicaye umusaza, Senateri Upshaw, abenshi muri mwe muzi ubuhamya bwe. Yari umuntu mwiza, yagerageje byose mu buzima bwe, imyaka mirongwitandatu n'itandatu mu igare adakora, bamusunika mu buriri; imbago munsi y'amaboko ye, ibyo nibyo yagenderagaho, ntabwo yari buzongere kugenda bisanzwe. Kandi aho yicaye aho, areba ibyo. Nuko muri ako kanya ndeba hanze maze mbona iyerekwa. Hano arimo aza, arimo agendera hejuru y'iryo teraniro, yubika umutwe we, ashobora kugenda nkundi wese. Ntabwo narinzi uwo muntu uwo ari we.

Ndavuga nti, "Hari umuntu ukomeye wicaye hariya inyuma. Yahanutse mu igare rikurwa igihe yari akiri muto, ari kuri uwo muba w'ibyatsi, maze akomereka umugongo. Batoboye imyenge aho hasi kugira ngo birinde kwinyeganyeza, igihe abantu barimo kugenda be gukora ku mugongo we." Ndavuga nti, "Yahindutse umuntu ukomeye, kandi akomeje kuzamuka mu ntera. Yicaye hagati mu ruziga muri presidence y'Amerika [White House—Kiny.Ed]"

Kandi noneho uyu muntu araza maze arambwira ati, aravuga ati, "Uwo ni Senateri Upshaw. Ese wigeze umwumva?"

Ndavuga nti, "Nta na rimwe nigeze mwumva."

Maze yohereza iyo ndangururamajwi iramburwa aho inyuma, kandi barimo bavuga, inyuma n'imbere.

48 Noneho ntangira kureba aho, maze mbona uwo musenateri ushaje aza, aza asanga mu iyerekwa ameze neza nkuko yakwiriye kuba. Imana umutunzi w'imbabazi yamukuye muri iryo gare, maze agenda adakoresheje imbago kugeza igihe yapfiriye. Imana umutunzi w'imbabazi. Igihe abaganga bananiwe, igihe ubushakashatsi bwananiwe, ikihe ikindi cyose cyananiwe, Imana yari umutunzi w'imbabazi kuri

Congressman Upshaw.

Nditekerezaho ubwanjye. Nk'umusore muto, ndibuka ubwo… Abantu uyu munsi banyita uwanga abagore. Impamvu ni uko, nagiye mbona ibibi byinshi mu bagore igihe nari umwana. Narabanze. Kandi ntabwo mbikora ubu, kubera ko nziko hari abeza. Ariko mwibuke uburyo byari bibi, ibintu bibi. Kandi ndatekereza, "Mbega, ntabwo nzajya njya aho abantu bari. Nta mashuri mfite, kandi ntayo nzagira."

49 Maze umwana muto wari uraho, adafite ishati yo kwambara, hamwe n'ikote ryanjye rifunze neza nka gutya, hamwe n'ibyo bifungo by'ubwirinzi, kandi ryari rishyushye nyabyo. Maze umwarimu arambaza ati, "William, ubwo ntabwo ushyushye hamwe n'iryo kote wambaye?"

Ndavuga nti, "Oya, mama, ndumva nkonje." Maze anyegereza iyo furu maze yongeramo inkwi mu ifuru, nuko nendaga nko gushya. Kandi icyo gihembwe cyose sinarimfite ishati.

Maze ndatekereza nti, "Nindamuka mbonye amafaranga, igihe kimwe nzabona make, nzashaka imbunda 30-30, nziyizira muburengerazuba hano maze mbe hano njye mpiga, ubuzima bwanjye bwose. Ntacyo nshaka gukorana na bantu. Nigumire kure, kubera ko batanshakaga, maze nkigumira kure yabo. "

Kandi buri gihe iyo najyaga mu mugi kuvugana n'umuntu, nkabona abandi ku muhanda, nkabamenya. Nkavuga nti, "Bite byanyu aho, John, Jim. Bimeze gute?"

"Oh, bite."

Murabona, ntabwo babaga bashaka kuvugana nanjye, ntacyo bashakaga gukorana nanjye, kubera ko data n'abandi bakoraga whiskey. Kandi ntabwo nigeze nkora ibyo. Ntabwo byari impamvu y'icyo nakoze. Kandi narimeze gutyo.

50 Ariko noneho nabwiye umugore wanjye ntabwo hashize igihe, "Igikuta gitatsweho imbunda nziza zose nashobora kugura." Oh, maze ntekereza kuri ya myenda mibi ishaje isa nabi. Uyu mugoroba mfite amakote meza abiri cyangwa atatu. Kandi nta nshuti? Binsaba kwihisa mu butayu kugira ngo nkire abantu. N'ikihe kibazo, ese biterwa n'icyubahiro cyanjye, ese biterwa n'amashuri yanjye? Oya. Imana umutunzi w'imbabazi yarambonye muri iyo mimerere maze Irankiza.

Ndibuka igihe bandandata bamfashe amaboko nk'umuntu w'impumyi. Ntabwo nashoboraga kubona. Buri kintu imbere yanjye cyari cyijimye; najyaga kuba impumyi iminsi y'ubuzima bwanjye yose. Ariko Imana umutunzi w'imbabazi yangaruriye kureba. Mfite imyaka mirongwitanu n'itanu, kandi ndacyareba neza. Imana umutunzi w'imbabazi nicyo kintu cyonyine nashobora kuvuga.

51 Igihe kimwe itorero ntiryari rifite uburyo bwateganijwe bwo gukira indwara. Bari babubifite, ariko barabwanga. Ariko Imana kuko ari umutunzi w'imbabazi yabohereje impano yo gukira kwa Kimana. Uwo ni Umwaka Wera hagati muri twe, ahamiriza Ijambo hamwe n'ibimenyetso birikurikiye. Imana umutunzi w'imbabazi.

Mfite amapaji abiri cyangwa atatu hano yanditseho ibintu, ariko ntabwo ndibugerageze kubikoraho, kubera nziko ariko hafi igihe cyo gutangira umurongo w'amasengesho. Ariko Imana umutunzi mu mbabazi Zayo…

Benshi muri mwe hano uyu mugoroba, abaganga barabaretse. Hari abantu bicaye hano mu tugare, ahari ntabwo bashobora kuduhagurukamo. Bari hano kugira ngo batugumemo. Bamwe muri bo, paralize mu buryo bunyuranye, ntabwo bazigera bavamo (habe na rimwe); nta buryo buhari kuri bo kugira ngo bavemo. Ariko Imana umutunzi w'imbabazi yateganije impongano. Ntuyanjye. Uyakire. Hari abantu hariya hanze bafite ikibazo cy'umutima; hari abantu bafite ikibazo cya kanseri, ibyo abaganga badafite icyo gukoraho. Nta byiringiro mufite, muri iyi si.

52 Ariko Imana, umutunzi w'imbabazi, yamanuye Umwuka Wera, kandi ari hano kugira ngo ahamirize Ijambo, kugira ngo agaragaze ko We ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Kubera ko tubikwiriye? Kubera ko Imana ari umutunzi w'imbabazi iteka. Amena. Noneho, uwo ni We; Uwo ni we Muntu; Ni we Mwami Yesu. Ntabwo Yapfuye, ahubwo yarazutse ava mu bapfuye, kandi Ariho iteka ryose. Kandi Ari uko Yari ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, Aracyari umutunzi mu mbabazi Ze nkuko yari ameze ku mugore wari ufite ikibazo cy'amaraso. Kandi yatangiriye aho mubantu. Nta byiringiro byari bihari, abaganga bari barakoze byose bashobora gukora. Yari afite ikibazo cy'amaraso. Kandi yari arembye. Maze akora ku ikanzu y'Umwami. Imana umutunzi mu mbabazi Irahindukira maze Ivuga ku mimerere ye. Kandi yari akize iyo ndwara y'amaraso.

Uwo, maraya muto umunsi umwe agiye ku iriba, gushaka amazi. Nta byiringiro. Yari yaraciwe mu bakobwa b'abari, aho hose mu bantu; ubuzima bwe ntibwari bwiza. Maze aratekereza, "Bimaze iki kwirirwa ngerageza? Baranciye; nta kinsigariye." Ariko arareba, ahagaze aho iruhande, cyangwa yicaye iruhande rw'iriba, kandi aho hari Umuntu wicaye aho Wamubwiye ibintu byose yakoze; Imana umutunzi w'imbabazi Zayo.

Iyo Mana imwe uyu mugoroba ni umutunzi mu mbabazi Zayo, ndetse kimwe n'uko Yari iri mu minsi yabo. Imana umutunzi… [Umwanya utariho ikintu kuri kasete—Ed.]

53 Ndatekereza ko dufite amakarita maganabiri yo gusengerwa hano, cyangwa turibuhamagare abagera kuri magana biri. Turibubahamagare maze tubareke bakore umurongo. Tugiye kubasengera.

Ariko mbere y'uko dukora ibyo, ahari hashobora kuba abaje bwa mbere, bikureho ubukonikoni bwose… Ibi ntabwo ari ubukonikoni. Ni ukugaragazwa kw'isezerano ry'Imana. Biterwa n'icyo urimo kureba. Nta mbaraga na zimwe mu muntu uwo ari we wese. Nta mbaraga mu muntu n'umwe. Ariko twe nk'abizera dufite ububasha; atari imbaraga, ahubwo ububasha.

Umuntu umwe yarambajije, hadashize igihe, aravuga ati, "Mwene Data Branham, wizera ko ufite imbaraga zo gukora ibi?"

Ndavuga nti, "nta mbaraga na nke mfite, ariko mfite ububasha." Buri mwizera arabufite. Nuramuka ubyanze, uzaguma aho uri. Ariko nuramuka ubyemeye, Izakora ibirenze ubwinshi, kubera ko Imana ari umutunzi mu mbabazi Zayo.

54 Mufate umupolisi muto uhagaze hano hanze ku muhanda, imyenda ye ikaba itamukwira neza, akaba ananutse. Ikigofero cye gipfutse amatwi ye. Maze ajye aho imodoka zirimo zimanuka kuri uwo muhanda mu birometero mirongwinani mu isaha, ifite iyo moteri nini ifite imbaraga zingana na mafarasi magana atatu muri yo. We nta nubwo afite imbaraga zahagarika igare. Uko ni ukuri. Ariko reka apfe kuvuza ifirimbi maze azamure ukuboko, maze urebe ukuntu amaferi akuba. Ntabwo afite imbaraga, ahubwo afite ububasha. Umugi wose uri inyuma ye.

Kandi igihe umugabo cyangwa umugore, ntabwo nitaye ku mimerere urimo, ufite ububasha mu Mana binyuze mu isezerano, kubera ko Yo ni umutunzi kandi Yasezeranye gukora ibirenze cyane. "Nuramuka ubwiye uyu musozi, 'Shinguka aho,' maze ntushidikanye mu mutima wawe, ahubwo ukizera ibyo wavuze biraza gusohora, ushobora kubona icyo wavuze." Nta mbaraga ufite, ahubwo ufite ububasha.

Mwibuke igihe yambwiye hariya kera, Aravuga ati, "Uzashobora guhishura amabanga y'umutima." Kubera ko We… Muribuka ibyo, benshi muri mwe abantu bo muri Phoenix? Yarabisezeranye. Ni iki Yasezeranye, yarabikoze.

55 Noneho, hari bamwe muri mwe hano badafite amakarita, kandi nta gushidikanya. Ni bangahe barwaye kandi badafite amakarita, muzamure ibiganza byanyu? Nibyo. Niko biri. Niba mushaka kumenya, ntabwo ari kubw'ububasha, ntabwo ari kubw'imbaraga, ahubwo ni kubw'ububasha bw'Ijambo, "Ibintu nkora, namwe muzabikora."

Yesu yasezeranye muri Luka 17:30, ko mbere yo kuza kwe, hazabaho igihe kimeze nk'icya Nowa, Mose cyangwa Nowa, "Igihe baryaga kandi banywa, ndetse bashyingirana; kandi ntibabimenya kugeza igihe Nowa yinjiriye mu nkuge." Aravuga ngo hazabaho icyo gihe. Noneho aravuga nabwo ati, "Nkuko byari bimeze mu minsi ya Loti," maze aravuga ati, "Ibi bizabaho muri iyo minsi igihe Umwana w'umuntu igihe azahishurwa, igihe Umwana w'umuntu azahishurwa mu minsi yanyuma."

56 Noneho, reba icyo ari We, uburyo Umwana w'umuntu yihishuye Ubwe mu Muntu w'uyu Mumarayika, Ari We wari Umwana w'umuntu. Nyakuri. Abraham yamwise, "Elohimu." Yari Umwana w'umuntu, urimo Yihishura aho mbere y'uko isi y'abanyamahanga itwikwa. Ni gute Yabikoze? Kubizera? Ku bigira abizera, Yohereje ababwiriza babiri aho hepfo kujya kubwiriza abo. Ariko ku bizera nyakuri, Yari yicaye ateye umugongo ihema, maze aravuga ati, "Abraham..." Yari Abram iminsi mike mbere. Ariko noneho ni Abraham. "Umugore wawe ari he, Sara?"

Aravuga ati, "Ari mu ihema inyuma Yawe."

Aravuga ati, "Ngiye gusohoza iserano rya Njye kuri wowe. Ngiye kuzagusura."

Oh, Abraham yari afite imyaka ijana, kandi Sarah yari afite mirongwicyenda; ariko Imana umutunzi w'imbabazi akomeza isezerano Rye. Yazanye umwana, kubera ko ni Imana yuzuye imbabazi, kandi Yuzuye imbabazi. Ni umutunzi mu mbabazi. Akomeza isezerano Rye.

57 Mwitegereze, hamwe n'umugongo We werekeye ku ihema, Sara araseka maze aravuga ati, "Ni gute ibi bintu byashoboka? Ndashaje. Ni gute nakwishimana n'umugabo wanjye kimwe n'umugore muto? Kubera ko, yari afite imyaka ijana. Ubusabane bwacu mu muryango bwarahagaze, imyaka, imyaka myinshi ishize. Ibi byashoboka bite?" Maze arabiseka.

Noneho Marayika hamwe… Umwana w'umuntu hamwe n'umugongo We wegamiye ihema, aravuga ati, "Kubera iki Sara asetse, akavuga ati, 'Ni gute ibi bintu byashoboka?'"

Ibyo byari ibiki? Yesu yaravuze, muri Luka 17:30, ati, "Mu minsi bizaba bimeze nko mu minsi ya Loti," iyo mimerere imwe, mbere y'uko isi y'Abanyamahanga itwikwa, Yaravuze ati, "Umwana w'umuntu

azihishura Ubwe muri iyo minsi." Yatanze isezerano, ko Malaki 4 yadusezeranyije ko azavuga. Ubutumwa buzaza ubwo buzagarura abantu ku Butumwa bw'umwimerere bwa Pantekote, kandi hamwe n'imigisha imwe bari bafite kuri uwo munsi... Ibyo byari ibiki? Ni ikizu gifite amababa abiri, Isezerano Rishya n'Isezerano rya Kera byombi, bizahuriza hamwe amasezerano y'Imana kugira bisohoze icyo amasezerano ya Bibiliya yavuze ko bizakora. Amena.

58 Imana umutunzi w'imbabazi ntabwo yakwemerera abntu Bayo gusohoka ngo bajye muri iyi mikorere ya kidini, abakire ku bicuruzwa n'ibintu by'isi itorero ry'igisekuru cya Lawodokiya, ariko Izarema inzira y'ubuhungiro. Mubyizere, bantu. Imana ibahe umugisha. Amena. Imana umutunzi w'imbabazi. Imbabazi z'Imana, icyo nicyo kintu cyonyine nifuza, ntabwo ari ugukiranuka Kwayo, ntabwo ari amategeko Yayo; ahubwo imbabazi Ze nizo mpamagara. Mana, ungirire imbabazi. Twe dufite ibyo byiyumviro.

Narimo ndeba. Hari umugore muto wicaye hanze hano ku mpera y'intebe. Ese ufite ikarita yo gusengerwa, mugore? Ntayo ufite. Reka nkwereke Imana umutunzi w'imbabazi. Uheruka kugubwa nabi n'agahinda cyane, Ese siko byagenze? Bikabije cyane, kandi amaso yawe akumereye nabi. Ese siko biri? Uko ni ukuri. Noneho, bigiye guhinduka. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo kubwo kukubaza niba ushobora kwizera ibi. Noneho, ntabwo ufite ikarita yo gusengerwa; nta kintu ufite; ariko ntabyo ukeneye. Murabona, ni ubuntu wagiriwe.

59 Hariya hicaye umuntu muto wicaye hano imbere, ufite ibintu bimeze gutya… wicaye aha hafi. Arwaye ikibyimba ku mubiri we. Cyaje aho, vuba aha. Ese sibyo, mugabo? Uko ni ukuri. Ntabwo uzi ibyo ari ibyo. Biguteye ubwoba. Uko ni ukuri. Cyatewe no kubyimbirwa, sibyo? Ese ufite ikarita yo gusengerwa? Nta karita yo gusengerwa ufite. Ntayo ukeneye. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo.

Oh, Mwene Data, mushiki wacu, wizere Imana. Ntushidikanye. Umwizere. Uko ni ukuri.

Hano hicaye umuntu, wambaye ikote rijya gusa nk'ivu, n'amadarubindi. Reba hano, mugabo. Ese urizeye? Imana umutunzi mu mbabazi Zayo. Wicaye hano ufite hernia. Ese wizeye ko Imana ishobora kugukiza iyo hernia maze ikakugira neza, wicaye aho kumpera y'intebe, urimo kundeba? Niba wizeye ibyo Imana ishobora kugukiza iyo hernia, Imana izakora ibyo kuri wowe niba ubyemeye. Ese urabyemeye? Ese wabyemera? Ni ukuri. Ushobora kubibona niba wizeye, akira imbabazi. Yego, mugabo.

60 Hano hari umugore wicaye hano; abagamiwe no gutembera nabi mu mubiri we. Ariko niba yizeye, Imana iramukiza, niba yizeye. Ndabizi ko bigiye kumucaho, neza neza nk'ikindi kintu. Wakire imbabazi niryo sengesho ryanjye. Nkuko ndimo ndeba neza uyu mugore... Mrs Riley, wizeye ko Imana yashobora gukiza uko gutembera nabi mu mubiri wawe? Niba wizeye, byakire. Amen. Wizere gusa. Imana ni nziza, ese siko Iri, Stella? Yego. Uko ni ukuri. Ntabwo nigeze mpura n'uyu mugore mu buzima bwanjye. Ariko Imana mu mbabazi Zayo...

Hano hicaye undi mugore, wicaye hariya inyuma, aho inyuma, arimo andeba. Nawe… Afite gutembera nabi muri we na we. Yahoze abitekerezaho mu kanya. Ntabwo nigeze mbona uyu mugore mu buzima bwanjye. Kuba uyu mugore w'undi afite icyo kintu kimwe, arimo andeba. Ese muranyizeye ko ndi umuhanuzi w'Imana, cyangwa umukozi Wayo? Unafite ikibazo cy'umutima. Niba ibyo ari ukuri, zamura ikiganza cyawe. Ntabyo ugifite ubu. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo irimo kwiyerekano ko Ari Nzima hano muri iyi nyubako uyu mugoroba. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo. Amena

61 Ese aho hashobora kuba hari, ni abanyabyaha bangahe n'abasubiye inyuma bashobora guhaguruka, maze bakavuga bati, "Imana, umutunzi w'imbabazi Zayo, ungirire imbabazi"? Hagarara ku birenge byawe. Ndagusengera, niba wizeye ko ushaka imbabazi ubu. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha na we. Abasubiye inyuma, muhagarare ku birenge byanyu. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo. Na we...

Nyakuri ntabwo umanjiriwe muri iyo mimerere, aho udashobora kubona iryo sezerano rimwe ry'igihe. Nyakuri ntwabwo wigeze wumva unezerewe mu idini, n'ibindi bintu, kandi udashobora kubona ko iri ari isezerano ry'igihe; Imana umutunzi w'imbabazi.

Uwo uri we wese, wowe uhagaze, ngiye ngusenga umunota umwe. Ndashaka ko mushaka ahari itorero ryizera Ubutumwa Bwiza bwuzuye kandi mukabatizwa umubatizo wa Gikristo, Imana ibahe Umwuka Wera.

62 Ese hari undi ushobora guhagarara ku birenge bye, maze akavuga ati, "Nanjye, ndashaka ko munyibuka. Mana, mu mbabazi Zawe unyibuke. Ntabwo nabayeho nkuko byari bikwiriye. Ahari..." Imana ibahe umugisha, mugore. Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Uko ni ukuri. "Imana, umutunzi mu mbabazi Zayo, ungirire imbabazi." Imana ibahe umugisha, mushiki wacu. Ese...

Ese hari bangahe bari hano, vuga uti, "Ngiye guhagarara. Ndashaka ko Imana imenya ko nshaka imbabazi. Ntabwo nabayeho uko bikwiriye. Nabayeho muri ubu buryo cyangwa buriya. Nagiye nzamuka ndetse manuka, ariko ndashaka imbabazi Zayo." Imana iguhe umugisha, mwene Data. Undi muntu wundi, vuga uti, "Mana mutunzi mu mbabazi Zawe." Imana iguhe umugisha, mushiki wacu. Imana ibahe

umugisha, mushiki wacu. Uko ni ukuri. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo. Imana iguhe umugisha nawe. Imana iguhe umugisha hariya inyuma. Imana ikurebe. Noneho hagarara ku birenge byawe.

Vuga uti, "Ese hari ikiza biri kubakoraho, Mwene Data Branham?" Nyakuri. Haguruka maze urebe itandukaniro bikora.

Niba koko uri umunyakuri mu mutima wawe, Imana ni umutunzi w'imbabazi. "Ntabwo ishaka ko hagira urimbuka, ahubwo kugira ngo bose babashe kwihana." Imana umutunzi mu mbabazi Zayo. O Mana, utugirire imbabazi.

63 Noneho, ni bangahe bari hano ubu, bafite ayo makarita yo gusengerwa? Ese abo ni bande? Abafite A? Abafite A na B. Abo bantu bose bafite ikarita yo gusengerwa ifite A, muhagarare ku ruhande, n'amakarita yo gusengerwa B bahagarare inyuma yabo.

Ndibaza niba hari ababwiriza hano bakwifuza kubanguka kumfasha. Niba bahari, ese mwashobora kuza, nakwishimira kubona ubufasha bwanyu hano, kubera ko twanezezwa no gusenga, no gusengana na mwe.

Ibi, Bibiliya iravuga iti, "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera." Yego, mugabo. "Mu Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni; bazavuga indimi nshya." Ese twarabikoze? Kubw'imbabazi z'Imana; atari twe, ariko Imana umutunzi w'imbabazi kugira ngo arinde Ijambo Ryayo. Imana...

Noneho, abagendera mu tugare, niba mushaka kubashyira hano hasi imbere; turibubasengere hano, si ngombwa ko mubakuramo aho, muri iriya nzira hariya. Reka, nta kibazo, reka baze hano hejuru. Turi bubasengere, buri wese muri bo. Imana umutunzi mu mbabazi Zayo.

64 Ese mwahagarara ku ruhande rw'iburyo iminota mike? Ese Mwene Data Brown yazanye na mwe? Azaza ejo. Nibwiraga ko aribube hano. Mwene Data Outlaw ari he? Mwene Data Fuller ari he? Bamwe muri aba bantu bari hano hejuru hamwe na njye ubwo nazaga bwa mbere, reka tugaruke inyuma. Muribuka ya mirongo y'amasengesho yo mu buryo bwa kera, igihe twajyaga duhagarara hano kugeza ubwo byabasabaga kumfata ku ruhande rumwe, n'undi muntu ku rundi, nkananirwa cyane?

Ni bangahe bari hano mu materaniro aho kera dutangira? Murebe hano. Murabyibuka icyo gihe, nababwiye ko Umwami Yesu yabitubwiye, niba ndi mukuri, ko ibi bintu bizabaho. Ese ni ukuri? Ntabwo twari dufite nk'ibi muri icyo gihe. Ariko byabayeho, kubera ko Imana ari umutunzi mu mbabazi Zayo kandi ikiranuka ku masezerano Yayo. Amena. Oh. Amena. Imana ihimbazwe. Halleluya. "Oh, ndanezerewe kuko ndi umwe muri bo." Amena. Oh, mbega.

Hari abantu hafi ahantu hose,

Abo imitima yabo irimo kugurumana,

Igurumanishwa n'Umuriro wamanutse kuri Pantekote,

Uwo wejeje kandi ukabahinduka abejejwe;

Oh, urimo uragurumana ubu mu mutima wanjye,

oh, icyubahiro kibe icy'Izina Rye!

Nejejwe n'uko nshobora kuvuga ko ndi umwe muri bo.

65 Oh, njyewe, umutindi, umukene, impumyi y'umutindi, nkuko nari ndi, none ubu kubw'imbabazi Ze. Umutunzi w'imbabazi, nshobora kubona Ubwami bw'Imana buhingutse. Amena.

Muhagarare hariya, mwene Data, uri ku mbago yawe. Niba udashobora guhaguruka, nta kibazo, haragara hano, turibumanuke aho hasi kandi tubasengere.

Kandi noneho reka abafite A n'abafite B, ku makarita yo gusengerwa, bakore umurongo hariya ku ruhande rumwe, kandi tugiye kubasengera.

Babwiriza bene Data, nkuko muri, niba mwizera kurambika ibiganza ku barwayi, muze hano maze muhagarare hamwe na njye kuri iki gicaniro. Tugiye gusengera abarwayi.

66 Noneho, kuri mwe bantu bahagaze muri uyu murongo, niba mushobora kwizera Kugaragara kw'Imana kuri hano, ko Umwuka Wera ari hagati muri twe ubu, dukora ibyo yavuze neza neza ko Azakora. Iyo mba mfite imbaraga zo kubakiza, najyaga kubikora. Iyo njya kugira uburyo bwo kubakiza indwara, nyakuri nari kubikora. Ntabwo mfite. Njye... Imana yampaye impano nto.

Ntabwo ndi umubwiriza uruta abandi. Ntabwo mfite amashuri ahagije kugira ngo mbe nakwitwa umubwiriza, icyo bita umubwiriza muri iyi minsi, igihe imyitozo igomba kuba ari kwimenyereza muri tewologiya, kandi ukagomba kugira impamyabushobozi runaka y'ikirenga, ndetse n'ibindi. Ntabwo

nakuzuza ibyo. Ariko Imana, ireba umutima wanjye, kandi iziko nshaka kugira icyo nyikorera, nshaka kuyishimira.

67 Umuntu yarambwiye undi munsi, aravuga ati, "Ndatekereza ko uri umuntu mwiza, Mr. Branham, ariko nizera ko mu bunyakuri bwawe uri mumakosa. Uri hanze rwose y'ubushake. Ese urabizi ko uzacirwa urubanza ku iherezo?"

Maze ndavuga nti, "Reba ndashaka kukubwira ikintu. Nshobora kuvuga ko ahari uri mu kuri, kubwo kugaragaza impamvu. Niba ndi mu makosa, ayo nizera ko ntarimo; ariko niba nari mu makosa, kandi nkaba nzi nonaha ko ngiye kuzabaho imyaka ijana, maze Ikanshira urubanza ku iherezo ry'urugendo, maze ikambwira, 'ntabwo ukwiriye kwinjira mu ijuru Ryanjye, William Branham. Sohoka hanze mu mwijima.' Uzi ibyo ari byo? Nzakomeza nyikorere umunsi ku munsi mu buzima bwanjye bwo kugeza ubwo nzagendera uko biri kose. Kubera nakiriye imigisha Ye myinshi ntari nkwiriye, kuko We arenze ubuzima kuri njye. We ni buri kintu cyose Njyewe..."

68 Ibyo ndibyo byose, ibyo nashobora gutekereza ko naba byo byose, mbikesha ubuntu Bwe n'imbabazi. Nari umunyamibabaro, umutindi, umukene, kubw'ubuntu Yankijije indwara, kandi mfite imbaraga n'ubuzima bwiza kubw'ubuntu bw'Imana. Mfite kureba neza. Ndarya, nkanywa, mfite buri cyose nkeneye. Ntabwo yigeze ansezeranya kumpa ibyo nshaka byose: ahubwo ibyo nkeneye.

Kandi nindamuka ntawe hanze kuri uriya munsi, ndetse nkabimenya… Ntabwo nabona aho kujya. Ariko ndamutse nziko ndi mu makosa, kandi Imana ikaba yarampitiyemo kuba mu makosa, nahitamo kuba mu makosa, kandi kubera ko nshaka gukora ubushake Bwayo. Ndamukunda cyane kugeza aho numva nshaka ko ubushake bwe buba. Noneho, iyo ni imvugo ikomeye, ariko ndibwira ko mubyumvishe mu buryo, mu mwuka nabivuzemo. Murabona? Ndashaka gukora ubushake Bwayo. Nayisabye ikintu igihe kimwe, Izunguza umutwe iti "oya" naranezerewe cyane nkuko yari kuba Yavuze iti, "yego." Kubera ko igihe cyose tugomba gusaba tuti, "Ibyo ushaka bibeho." Izo oya ze ni kimwe... Niba ubwo ari bwo bushake Bwayo, ibyo ni kimwe... ni nziza cyane kuri yego Zayo, niba ari bwo bushake bwayo. Ibyo ni igihe wowe umukunda. Amena.

69 Ubwo ntangiye kumuvugaho, ntabwo nashobora guhagarara. Oh, ni Uwukuri, ni Uwukuri kuri njye. Nshuti, We ni ibyo ndibyo byose, ibyo ntekerezaa kuzaba byo yose, byose bicurirwa muri Kristo Yesu, Ijambo ry'Imana.

Ndanezerewe kubw'ubuhamya bw'Umwuka Wera, kubw'Ubutumwa. Nziko bishobora kuba, bamwe bashobora kutemeranya na Ryo, ariko nkuko nababwiye, mpatiwe kuguma ku Butumwa. Ikimenyetso cyaratanzwe, Kandi Imana ntabwo yohereza ikimenyetso gusa kugira ngo yerekane ko Yo ari Imana. Ubutumwa, Ijwi igihe cyose rikurikira ikimenyetso. Buri wese azi ibyo.

Yesu yaje afite ibimenyetso n'ibitangaza. Yari Umuntu ukomeye igihe yarimo akora ibimenyetso n'ibitangaza, ariko igihe Atangiye kwicara maze agatangira kuzana Ubutumwa, "Njye na Data turi Umwe," oh, mbega, ibyo byari amakosa kuri bo. Murabona? Ariko Ijwi ryagomba gukurikira ikimenyetso.

70 Mose yari yahawe ibimenyetso bibiri, kandi buri kimenyetso cyari gifite ijwi. Uko ni ukuri. Nabibwirijeho hano igihe gishize, ahantu runaka, kuri, "Ijwi ry'Ikimenyetso." Byashobora kuba byari Ijwi ry'ikimenyetso. Ni Idahinduka. Igihe cyose ni muri ubwo buryo. Niba atariko bigenze, noneho ubwo si ibyavuye ku Mana.

Iyo umuntu yadukanye umurimo nkuko utamenyerewe, ibyo bigasangwa muri Bibiliya ko ari Ukuri, kandi uwo muntu akaguma mu myigishirize imwe ya kera ya kidini, ntimukabyiteho. Nta kiba kirimo. Imana ntabwo ikora ibintu nk'ibyo. Icyo kintu, aba ari ya manu ya kera yaboze ifitemo umuswa cyangwa inyo, cyangwa ikindi washaka kubyita, byo mu myaka mirongwine, mirongwitanu ishize, kandi akaba akigerageza kurya iyo manu ya kera iyo yamanutse kera aho mu myaka ishize. Kandi abana ba Isiraheri mu rugendo, manu nshya yagwaga buri joro. Uko ni ukuri, ntiwagombaga kuyigumana.

Ntabwo tubaho mu bindi bisekuru byahise. Turya Manu nshya, Manu nshya yamanutse mu ijuru, mu rugendo rwacu mugihe tugenda.

Reka twunamishe imitwe yacu

71 Mwami Mana, Uri uwukuri, Kugaragara Kwawe. Ntekereza ku buntu, Mwami. Twakubonye ukora ibintu byinshi. Twakumvise Uvuga indimi, twakubonye Uzisobanura hagati mu bantu Bawe. O Mana, tukubona ukiza abarwayi, uhumura amaso y'impumyi, utuma ibirema bigenda, ibipfamatwi bikumva, ibiragi bikavuga, mbega Imana ikomeye kandi ishoboye Uriyo.

Kandi noneho kureba ko Wasezeranye ibi muri iyi minsi ya nyuma. Nubwo dufite ibintu byo kwigana k'umubiri byinshi, nyamara ibyo bihamya ko hari Imana y'ukuri ahantu runaka, ibyo nyakuri ni ukuri. Kandi ndasenga, Data wo mu ijuru, uyu mugoroba, kugira tubashe kuba abasobanukiwe Imana kugira ngo tubone ko Uri hano.

Kandi aba bantu bari mu murongo, igihe bari bunyure mu murongo, Mwami… Kuko turimo gukora ibi kuko twabibasezeranyije. Kandi Waravuze uti, "Ibi bimenyetso bizakurikira abizeye."

Hano hari ababwiriza bene Data bahagaze hano, abantu Watoranije mbere y'uko imfatiro z'isi ziba ibyo ziribyo uyu mugoroba. Urabizi, mbere y'uko isi ibaho, kugira ngo tubashe guhagarara aha uyu mugoroba, kubera ko Uri utagira iherezo.

72 Noneho turasenze, Data wo mu ijuru, uyu mugoroba, kugira ngo aba bantu barwaye, bacumbagira, impumyi, ibirema, abariwe na kanseri, icyo byaba biricyo cyose, banyuze muri uyu murongo, babashe kubona ko hari iyo Mana imwe imenya amabanga y'umutima iza kubakiza indwara, niba baribubyemere gusa, bakareba gusa kandi bagasobanukirwa.

Wa muntu warebye kuri ya nzoka y'umuringa nk'igice cy'umuringa w'abatambyi, ntabwo yashoboraga gukira indwara, kubera yabaga atasobanukiwe ibyo ari byo. Kandi uyu munsi, Mwami, ni kimwe. Igihe barebye ku mpano, bagatekereza ko ishobora kubafasha, ntabwo baba basobanukiwe. Ni igihamya gusa cyo Kugaragara kw'Imana iri hano kugira ikize indwara. Biduhe, Data. Reka bibe, mu Izina rya Yesu. Amena.

73 Ndashaka ko ucuranga muto, nabishobora, umugabo cyangwa umugore, uwo yaba we, kujya aho maze agacuranga iyi ndirimbo, "Muganga Ukomeye Ubu ari Hano," uwo utwitaho Yesu, niba abishaka, aho ucuranga yaba ari. Noneho, ibyo…

Ndibuka amateraniro ya mbere yo gukira indwara, Fort Wayne, Indiana. Umukobwa w'umwamish yicaye, acuranga piano, "Muganga ukomeye ubu ari hano, Uwo utwitaho Yesu." Umwana muto yazanwe ku gicaniro; yari yararemaye. Maze mu gihe nasengaga nsengera uwo mwana, asimbuka mu biganza byanjye maze arirukanka aho ku gicaniro. Mama we biramurenga. Nyirakuru ajugunya agatambaro atangira kurira.

Kandi uwo mukobwa muto w'Umwamish ubu, nta kintu yari azi ku Bapantekote, kubera ko yari uwo mu itorero ry'Amish; ariko yari ari gucuranga. Iyo misatsi ye miremire igwa hasi; ahaguruka mu Mwuka maze atangira kuririmba mu ndimi zitamenyekana, kandi hamwe no guhuza n'iyo ndirimo. Hanyuma amanota ya piano akomeza kugenda amanuka azamuka, acuranga, "Umuganga ukomeye ari hano, Uwo utwitaho Yesu." Amena. We ari uko yari Ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

Luka 8:50

74 Noneho, reka dusenge ubu… Noneho, reka buri muntu aho hanze asenge. Mwebwe bantu muza mu murongo, igihe turambitse ibiganza kuri mwe, mwibuke, Yesu aravuga ati, niba wizeye, urakira. Ese murizeye? Noneho, reka twese turirimbe.

Muganga ukomeye noneho ari hano,

Udufasha Yesu,

Aravuga…(Reka dufunge amaso yacu ubu mu gihe turimo kuririmba.)…imitima imenetse.

Oh, umva ijwi rya Yesu.

Ijwi ryiza cyane ry'abaserafi,

Izina ryiza cyane ku rurimi rw'abapfa,

Indirimbo nziza…(Data Mana, uze ku bantu ubu.)

O Yesu, Mukundwa Yesu.

Ukomeye…

Noneho, mu gihe murimo mutambuka, We ari hano. Mufate ijambo ryanjye, cyangwa uryizere wowe ubwawe; Ari hano. Buri muntu mu masengesho hariya hanze asengera abantu.

75 [Mwene Data Branham n'ababwiriza basengera abarwayi mu gihe Mwene Data Borders ayoboye iteraniro ririmo ririmba. Umwanya uriho ubusa kuri kasete—Ed.]

O Mwami, ndizeye, O Mwami, ndizeye;

Ibintu byose birashoboka, O mwami, ndizeye.

Abizera bose, muzamure ikiganza cyanyu nka gutyo, muvuge muti, "Ndizera." [Iteraniro riravuga riti, "Ndizeye."—Ed.]

Hano hari umuntu uhicaye. Impamvu nkomeje, nkavuga, arembejwe na kanseri. Ari kuri iyi mbago.

Nta bundi buryo buhari kuri uyu muntu kugira ngo abeho uretse Imana. Afite kanseri aho hose mu mara, kandi nibyo, agiye gupfa niba bitabaye imbabazi z'Imana. Kandi ndifuza iyo njya kuba...[Umwanya uriho ubusa—Ed.]... Ijambo ryo gufasha uyu muntu.

Wowe, urabizi ko muganga ntacyo yashobora kugukorera ubu. Ibyo urabirenze. Murabona? Ufite amahirwe amwe gusa, kandi ayo ni muri Kristo. Murabona? Kandi, mwene Data, wowe… Nzapfa umunsi umwe nanjye. Uragomba kugenda, niba Yesu atinze. Nzagusangayo, duhagarare ku ntebe y'urubanza. Kandi uyu mugoroba...

76 Murazi, nkuko televiziyo, televiziyo ifata buri shusho yose buri kanya tuzamuye, buri kintu, biri gufatwa. Buri jambo tuvuga riri gufatwa. Noneho, reba, televiziyo ibyo yarabihamije. Noneho, televiziyo ntabwo irema amashusho; ihuza gusa umurongo niyo miraba bikinjira muri televiziyo. Murabona, ntabwo icura amashusho. Hariho televiziyo igihe Adamu yagendaga ku isi; hari televiziyo igihe Mose yavaga mu Nyanjya Itukura; hari televiziyo igihe Eliya yari ku musozi Karumel (Murabona?); ariko bayivumbuye ubu. Murabona? Kandi noneho, ahantu hose njye...

Buri ntambwe duteye, na buri jwi tuvuze, riba ririmo ribikwa ayo yose azahura natwe ku munsi w'urubanza. Buri ntambwe yose dukoze igomba kuzahura natwe hariya. Kandi ngomba kuzasubiza amagambo nababwiye, nk'umubwiriza. Ngomba kubikora, kubera ko Imana izabimbaza.

77 Noneho, iyo mbishobora, nagukiza; kubera ko ufite igihe gito, iyo bitaba iby'Imana. Noneho, namanutse maze ndagusengera, ibyo nzi gukora byose. Mwene Data ikintu icyo aricyo cyose mu isi, nashobora gukorera umuntu wicaye aho muri iyo mimerere, nagikora.

Kandi reka ngusabe. Murabona? Wamaze gukira, kubera ko Yesu yavuze ko ari ko biri. Murabona, "Kubw'imibyimba ye twakize indwara." Noneho, niba ushobora, biturutse mu ndiba y'umutima wawe, kwemera ibyo, ubu ntushobora gupfa, ahubwo urabaho.

Noneho, reba, ubu tuziko televiziyo irimo kunyuramo hano muri iki cyumba. Ibyo turabizi. Ntabwo tubibona. Ntabwo twabibona; amaso yacu ntabwo yakozwe gutyo, ibyiyumviro byacu ntabwo byabyakira. Bisaba amatiyo yabigenewe, cyangwa ibyo, za crystal, kugira ngo zakire ibyo.

Niko Imana iri hano. Ntabwo tuyibona, ariko turabizi ko iri hano. Yesu Kristo ni umwe. Reba, Yigaragaje Ubwe, uburyo Yiyerekana Ubwe. Noneho, kure bishoboka mu gukiza indwara, iyo Aba Ahagaze hano aka kanya ubu, ntacyo Yagukorera kindi(Murabona?) nta kindi. Iyo Umwana w'Imana aba ahagaze hano, Ariwe Ubwe, We Uri hano, nabwo Ntacyo Yashobora kugukorera, kubera ko Yigaragaje Ubwe hano. Murabona? Kandi Ari hano ubu, byose kimwe, kugira ngo agukize indwara maze umere neza. Murabona? kandi Ari hano aka kanya, ameze kimwe, kugira ngo agukize indwara maze umere neza.

78 Kandi uriya mugore muto hano yarambwiye, ati, "Usabe imigisha, kandi uhanure cyangwa ikindi kintu, kuri we, kugira ngo abashe kubona umwana," Yicaye muri kariya kagare. Kandi byarabaye; afite umwana

Kandi noneho, uyu mugore muto wicaye hano. Noneho, yabazwe umwingo maze aba paralize. Nibyo, twabonye ibyo bintu byinshi biba. Noneho, mushiki wacu muto, nziko uri Umukristo w'ukuri. Kubera ko Imana yakwemereye ko uba hano, ntabyo nzi. Ndizera ahari ko ari ukubera ko ufite kwizera, urimo kugerageza kugira kwizera kugira ngo usohoke aho (Murabona?); ariko noneho reba, reka noneho twe kugerageza kubigira, reka tubibone ubu (Murabona, murabona?); kandi biraba. Nibyo gusa bihari; bigiye gutangira nonaha, kandi tugiye gukira. Kandi mwa bantu mwe bari hanze ku tugare, aho waba cyangwa icyo wabacyo cyose, wibuke ko Kristo ari hano.

79 Noneho, muravuga muti, "Ese hari umuntu, muri kubona ifoto yanjye itambuka." Oh, yego.

Habe n'Amagambo ya Yesu Kristo ayo Yavuze igihe yari hano ku isi, arimo kunyura hano muri iki cyumba. Ntabwo ajya apfa. Ni bangahe bazi ibyo ko ari ukuri bagendeye ku bushakashatsi? Nibyo, ni ibiki? Noneho Umwuka afata iryo Jambo ryanditswe maze agatuma Rigaragara. Oh, icyubahiro kibe icy'Imana.

Ari hano. Ari hano aka kanya, Umwami. Twe gusa… Twabonye byinshi; Yakoze byinshi, kugeza ubwo ari nkaho, murazi, ari nkaho tubisitaraho. Iyo tubasha kubona ko, atari ibintu by'inkuru, cyangwa amagambo y'abanyatewologiya runaka; ahubwo ibihamya by'uko yasezeranye ko Azaba ahari Ubwe muri iyi minsi, none Akaba Ari hano yigaragaza imbere yacu aka kanya. Mbega ikintu gitangaje. Ese ibi ntibitangaje?

80 Noneho, murizeye. Ese wabyizera? Byizere ntabwo uri bupfe. Urabaho, kandi uribwubahe Imana. Ugiye kubaha Imana. Ese wigeze ubatizwa? Uri Umukristo, uri we? Kandi uri Umukristo. Nibyo, urashaka kubaho kubw'icyubahiro cy'Imana. Noneho genda ubeho, mwene Data. Mu Izina rya Yesu Kristo, baho.

Kandi, mushiki wacu, urashaka kugenda kubw'icyubahiro cy'Imana, maze ukita ku mwana wawe; noneho genda, mushiki wacu, mu Izina rya Yesu Kristo.

Mwe, buri wese muri mwe, kora nk'ibyo, mu Izina rya Yesu Kristo. Ntiwibagirwe iyi Westward Ho Motel hano kuri uyu mugoroba, Kugaragara kw'Imana kugaragajwe hano. Ntabwo Irobanura ku butoni. Irashaka gusa ko wizera. Ese uramwizeye ubu? Amena. Imana ibahe umugisha.

Reka twubike imitwe yacu ubu. Ntabwo nzi uwo bahisemo, kugira ngo asoze. Mwene Data Mushegian hano, ngwino hano, mwene Data. Agiye gusoza mu isengesho. Imana ibahe umugisha

MESSAGE online hub
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7